<p>16° <b>ukwemera kwa nyir'ubwite:</b> kugaragaza mu bwisanzure bikoze na nyir'ubwite ibyifuzo byihariye bishingiye ku bisobanuro yahawe bitarimo urujijo, yumvikanisha, akoresheje imvugo cyangwa igikorwa kigaragara kandi gisobanutse ko yemeye itunganywa ry'amakuru bwite amwerekeye;</p> <p>17° <b>umugenzuzi w'amakuru:</b> umuntu ku giti cye cyangwa ikigo cyonyine cyangwa gifatanyije n'abandi, gikusanya amakuru bwite kandi kikagena uburyo bwo kuyatunganya n'icyo azakoreshwa;</p> <p>18° <b>undi muntu:</b> umuntu ku giti cye, ikigo cyangwa urundi rwego urwo ari rwo rwose atari nyir'ubwite, umugenzuzi w'amakuru, utunganya amakuru n'abantu bagenzurwa n'umugenzuzi w'amakuru, bemerewe gutunganya amakuru bwite;</p> <p>19° <b>urwego rugenzura:</b> Urwego rw'Igihugu rushinzwe Umutekano w'ibijyanye n'Ikoranabuhanga mu Itangazabumenyi n'Itumanaho, rukaba ari rwo rwego rw'ubuyobozi rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'iri tegeko</p>	<p>16° <b>consent of the data subject:</b> freely given, specific, informed and unambiguous indication of the data subject's wishes by which he or she, by a statement or a clear affirmative action, signifies agreement to the processing of personal data relating to him or her;</p> <p>17° <b>data controller:</b> a natural or moral person that, alone or jointly, collects personal data and determines the means of their processing and the purposes;</p> <p>18° <b>third party:</b> a natural or moral person or any other body other than the data subject, data controller, data processor and persons who, under the direct authority of the data controller are authorised to process personal data;</p> <p>19° <b>supervisory authority:</b> the National Cyber Security Authority, which is the authority responsible for overseeing compliance with this Law and other associated data protection and privacy legislation;</p>	<p>16° <b>consentement de la personne fichée:</b> indication librement donnée, spécifique, informée et non ambiguë des souhaits de la personne fichée par laquelle elle signifie, par une déclaration ou une action affirmative claire, son accord pour le traitement des données personnelles qui lui concernent;</p> <p>17° <b>contrôleur des données:</b> une personne physique ou morale qui, seul ou conjointement, collecte de données personnelles et détermine les moyens de leur traitement et les finalités;</p> <p>18° <b>tierce personne:</b> une personne physique ou morale ou toute autre entité autre que la personne fichée, le contrôleur de données, le responsable du traitement des données et les personnes qui, sous la supervision directe du contrôleur de données sont autorisées à traiter les données personnelles;</p> <p>19° <b>autorité de supervision:</b> l'Office National pour la Cyber Sécurité, qui est l'autorité chargée de veiller au respect de la présente Loi et des lois relatives à la protection des données et à la vie privée;</p>
--	--	--

<p>kimwe n’andi mategeko yerekeranye no kurinda amakuru n’imibereho bwite y’umuntu;</p> <p>20° <b>inzego zibifitiye ububasha:</b> ubuyobozi mu nzego runaka zihariye bushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry’amategeko muri urwo rwego zifatanyije n’urwego rugenzura hagamijwe kurinda umutekano w’amakuru n’imibereho bwite y’umuntu;</p> <p>21° <b>utunganya amakuru:</b> umuntu ku giti cye cyangwa ikigo cyangwa urundi rwego rwemerewe n’umugenzuzi w’amakuru gutunganya amakuru bwite;</p> <p>22° <b>ingaruka:</b> ingaruka zishyira igitutu ku muntu urebwa n’amakuru.</p> <p><b><u>Ingingo va 4:</u> Amahame yo kurinda amakuru bwite</b></p> <p>Amahame yo kurinda amakuru bwite ni aya akurikira:</p> <p>1° <b>gukurikiza amategeko no kutabogama:</b> gutunganya amakuru bwite bigomba gukorwa mu buryo bukurikiza amategeko, nta kubogama kandi nta buriganya;</p>	<p>20° <b>competent authority:</b> sectoral authority which is responsible for overseeing sector-specific compliance in conjunction with the supervisory authority for data protection and privacy;</p> <p>21° <b>data processor:</b> a natural or moral person or another organ authorised by the data controller to process personal data;</p> <p>22° <b>consequences:</b> consequences that exert pressure to the data subject.</p> <p><b><u>Article 4:</u> Principles of personal data protection</b></p> <p>Principles of personal data protection are:</p> <p>1° <b>lawfulness and fairness:</b> processing of personal data must be done in a lawful, fair and non-fraudulent manner;</p>	<p>20° <b>autorités compétentes:</b> autorités sectorielles chargées de contrôler la conformité sectorielle spécifique conjointement avec l’autorité de supervision pour la protection de données et de la vie privée;</p> <p>21° <b>responsable du traitement des données:</b> une personne physique ou morale ou une autre entité autorisée par le contrôleur des données à traiter de données personnelles;</p> <p>22° <b>conséquences:</b> conséquences qui exercent une pression sur la personne fichée.</p> <p><b><u>Article 4:</u> Principes de la protection des données personnelles</b></p> <p>Les principes de la protection des données personnelles sont:</p> <p>1° <b>légalité et équité:</b> le traitement des données personnelles doit être effectué d’une manière légale, équitable et non frauduleuse;</p>
---	--	---

<p>2° <b>kwisanzura:</b> iyo gutunganya amakuru bishingiye ku kwemera kwa nyir'ubwite, nyir'ubwite agomba kwemerera umugenzuzi w'amakuru kugira ngo akusanye amakuru kandi nyir'ubwite afite uburenganzira bwo kumenya impamvu n'uburyo ayo amakuru akusanywa n'uko atunganywa;</p> <p>3° <b>kwibanda ku kigamijwe:</b> amakuru bwite akusanywa gusa iyo hagamijwe impamvu yihariye, yeruye kandi yumvikana kandi ntashobora gutunganywa mu buryo bunyuranyije n'izo mpamvu;</p> <p>4° <b>guhina amakuru:</b> amakuru bwite agomba kugarukira ku bikenewe ushingiyeye ku cyari kigambiriwe mu gutunganya amakuru;</p> <p>5° <b>ireme ry'amakuru:</b> amakuru bwite agomba kuba ajyanye n'icyo agenewe gukoreshwa, yuzuye, ari ukuri kandi ajyane n'igihe hakurikijwe icyo agiye gukoreshwa;</p> <p>6° <b>uburyo bwo kubika:</b> amakuru bwite agomba kubikwa mu buryo butuma nyir'ubwite abasha kumenyekana mu</p>	<p>2° <b>openness:</b> where processing is based on consent, a data subject must consent to a data controller in order to collect the data and the data subject has the right to be informed of why and how such data is collected and processed;</p> <p>3° <b>purpose limitation:</b> personal data is collected only for a specific, explicit and legitimate purpose and not further processed in a manner that is incompatible with those purposes;</p> <p>4° <b>data minimisation:</b> personal data must be limited to what is necessary in relation to the purposes for which it is processed;</p> <p>5° <b>data quality:</b> personal data must be relevant, complete, accurate and updated to the purposes for which it is used;</p> <p>6° <b>storage limitation:</b> personal data must be kept in a form which permits identification of a data subject for no</p>	<p>2° <b>ouverture:</b> lorsque le traitement est basé sur le consentement, la personne fichée doit consentir au contrôleur de données pour collecter les données et la personne fichée a le droit d'être informée de la raison et des moyens de collecte et de traitement de ces informations;</p> <p>3° <b>limitation à la finalité:</b> les données personnelles ne sont collectées qu'à des fins spécifiques, explicites et légitimes et ne peuvent pas être traitées ultérieurement d'une manière incompatible avec ces finalités;</p> <p>4° <b>minimisation des données:</b> les données personnelles doivent être limitées à ce qui est nécessaire en rapport avec les finalités pour lesquelles elles sont traitées;</p> <p>5° <b>qualité des données:</b> les données personnelles doivent être pertinentes, complètes, exactes et tenues à jour aux fins pour lesquelles elles sont utilisées;</p> <p>6° <b>limitation du stockage:</b> les données personnelles doivent être conservées sous une forme permettant</p>
--	--	--

<p>gihe kitarenze igikenewe hashingiwe ku cyari kigambiriwe mu itunganywa ry'ayo makuru bwite;</p> <p>7° <b>ibanga n'ubunyangamugayo:</b> amakuru bwite atunganywa mu buryo butuma habaho umutekano ukwiye w'ayo makuru, harimo kwirinda ko yatunganywa mu buryo bunyuranyije n'amategeko no kwirinda ko yatakara, yasenyuka cyangwa yakwangirika, hakoreshwa ingamba za tekiniki n'imitunganyirize bikwiye;</p> <p>8° <b>kubazwa inshingano:</b> umugenzuzi w'amakuru abazwa ibikorwa bye ku makuru bwite kandi agomba gushyiraho ingamba no kugira inyandiko bigaragaza ko yubahiriza amahame yavuzwe muri iyi ngingo.</p> <p><b>UMUTWE WA II: AMABWIRIZA RUSANGE AGENGA GUKUSANYA NO GUTUNGANYA AMAKURU BWITE N'IREME RY'AMAKURU BWITE</b></p>	<p>longer than is necessary for the purposes of processing the personal data;</p> <p>7° <b>confidentiality and integrity:</b> personal data is processed in a manner that ensures appropriate security of the personal data, including protection against unlawful processing and against loss, destruction or damage, using appropriate technical or organisational measures;</p> <p>8° <b>accountability:</b> a data controller is responsible for his or her actions on personal data and must put in place measures and records to demonstrate compliance with the principles mentioned in this Article.</p> <p><b>CHAPTER II: GENERAL RULES FOR COLLECTING AND PROCESSING PERSONAL DATA AND QUALITY OF PERSONAL DATA</b></p>	<p>l'identification de la personne fichée pendant une durée n'excédant pas celle nécessaire aux fins du traitement des données personnelles;</p> <p>7° <b>confidentialité et intégrité:</b> les données personnelles sont traitées de manière à garantir leur sécurité appropriée, y compris la protection contre le traitement illégal et contre la perte, la destruction ou le dommage, en utilisant des mesures techniques ou organisationnelles appropriées;</p> <p>8° <b>responsabilité:</b> un contrôleur des données est responsable de ses actions sur les données personnelles et doit mettre en place les mesures et les documents pour démontrer la conformité avec les principes mentionnés au présent article.</p> <p><b>CHAPITRE II: RÈGLES GÉNÉRALES DE COLLECTE ET DE TRAITEMENT DES DONNÉES PERSONNELLES ET QUALITÉ DES DONNÉES PERSONNELLES</b></p>
---	---	---

<p><b><u>Icyiciro cya mbere: Amabwiriza rusange</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 5: Imibereho bwite ya nyir’ubwite</u></b></p> <p>Umugenzuzi w’amakuru, utunganya amakuru cyangwa undi muntu akusanya, abika cyangwa agatunganya amakuru bwite mu buryo atabangamira imibereho bwite ya nyir’ubwite.</p> <p><b><u>Ingingo ya 6: Ukwemera kwa nyir’ubwite</u></b></p> <p>Nyir’ubwite agaragaza ko yemera ko amakuru bwite amwerekeye akusanywa cyangwa agatunganywa hagamijwe intego yihariye.</p> <p>Kwemera bikozwe na nyir’ubwite bigira agaciro gusa iyo bishingiye ku cyemezo nyir’ubwite yifatiye mu bwisanzure nyuma yo kumenyeshwa ingaruka z’uko kwemera kwe.</p> <p>Kwemera bigomba gukorwa mu buryo bugaragara kandi bweruye nko mu nyandiko harimo n’uburyo koranabuhanga cyangwa mu mvugo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 7: Kugaragaza ibindi bintu mu nyandiko y’ukwemera</u></b></p> <p>Inyandiko y’ukwemera kwa nyir’ubwite ikubiyemo ibindi bintu, igomba kugaragaza mu buryo busobanutse ibyo bintu bindi yemeye</p>	<p><b><u>Section One: General rules</u></b></p> <p><b><u>Article 5: Privacy of the data subject</u></b></p> <p>A data controller, data processor or a third party collects, holds or processes personal data in a manner which does not infringe the privacy of the data subject.</p> <p><b><u>Article 6: Consent of the data subject</u></b></p> <p>A data subject expresses his or her consent to the collection or processing of personal data for a specified purpose.</p> <p>The consent of the data subject is valid only when it is based on the data subject’s free decision after being informed of the consequences of his or her consent.</p> <p>The consent must be given in a clear affirmative action, such in writing, including electronic means or by oral means.</p> <p><b><u>Article 7: Indication of other matters in the statement of consent</u></b></p> <p>A data subject’s statement of consent that contains other matters, must clearly indicate those other matters to which he or she consents</p>	<p><b><u>Section première: Règles générales</u></b></p> <p><b><u>Article 5: Vie privée de la personne fichée</u></b></p> <p>Un contrôleur des données, un responsable du traitement des données ou une tierce personne collecte, détient ou traite les données personnelles d’une manière qui ne porte pas atteinte à la vie privée de la personne fichée.</p> <p><b><u>Article 6: Consentement de la personne fichée</u></b></p> <p>Une personne fichée exprime son consentement à la collecte ou au traitement des données personnelles dans un but spécifié.</p> <p>Le consentement de la personne fichée n’est valable que s’il est basé sur sa décision libre après avoir été informée des conséquences de son consentement.</p> <p>Le consentement doit être donné par une action affirmative claire par exemple par écrit, y compris par des moyens électroniques ou par voie orale.</p> <p><b><u>Article 7: Indication d’autres éléments dans la déclaration de consentement</u></b></p> <p>La déclaration de consentement par la personne fichée qui contient d’autres éléments, doit indiquer clairement ces autres éléments</p>
--	--	--



<p>muri rumwe mu ndimi zikoreshwa n'ubutegetsu mu Gihugu kandi yumva neza.</p> <p>Nta gice cy'inyandiko ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kinyuranyije n'ibiteganywa n'iri tegeko gishobora gushyirwa mu bikorwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 8: Uburenganzira bwo kwisubiraho</u></b></p> <p>Nyir'ubwite afite uburenganzira bwo kwisubiraho ku kwemera kwe igihe icyo ari cyo cyose. Kwisubiraho ku kwemera ntibigira ingaruka ku gutunganya amakuru byakozwe mu buryo bwemewe n'amategeko, igihe bishingiye ku kwemera kwakozwe mbere yo kwisubiraho. Kwisubiraho byoroshye kimwe no kwemera.</p> <p><b><u>Ingingo ya 9: Gutunganya amakuru bwite y'umwana</u></b></p> <p>Iyo umuntu azi ko amakuru bwite y'ukoresha atunganywa ari ay'umwana utarageza ku myaka cumi n'itandatu (16), uwo muntu agomba kubyemererwa n'ufite ububasha bw'umubyeyi kuri uwo mwana kugira ngo abashe gutunganya amakuru bwite yerekeye uwo mwana mu buryo bwemewe n'amategeko.</p> <p>Haseguriwe ibiteganywa n'andi mategeko, kwemera mu izina ry'umwana byemerwa gusa</p>	<p>in one of the official languages that is understandable to him or her.</p> <p>No part of the statement mentioned in Paragraph One of this Article that contradicts provisions of this Law may be enforced.</p> <p><b><u>Article 8: Right to withdraw</u></b></p> <p>The data subject has the right to withdraw his or her consent at any time. Withdrawal of the consent does not affect the lawfulness of processing of the data based on consent before its withdrawal. Withdrawing the consent is as easy as expressing it.</p> <p><b><u>Article 9: Processing a child's personal data</u></b></p> <p>Where a person knows that a user whose personal data is processed is a child under the age of sixteen (16), that person must obtain the consent of a holder of parental responsibility over the child to lawfully process the child's personal data.</p> <p>Subject to other laws, consent obtained on behalf of the child is acceptable only if it is</p>	<p>auxquels elle consent dans l'une des langues officielles qu'elle comprend.</p> <p>Aucune partie de la déclaration mentionnée à l'alinéa premier du présent article qui contredit les dispositions de la présente loi ne peut être appliquée.</p> <p><b><u>Article 8: Droit de rétractation</u></b></p> <p>La personne fichée a le droit de retirer son consentement à tout moment. Le retrait du consentement n'affecte pas la légalité du traitement basé sur le consentement avant sa rétractation. Retirer le consentement est aussi simple que l'exprimer.</p> <p><b><u>Article 9: Traitement des données personnelles d'un enfant</u></b></p> <p>Lorsqu'une personne sait qu'un utilisateur dont les données personnelles sont traitées est un enfant de moins de seize (16) ans, cette personne doit obtenir le consentement d'un titulaire de la responsabilité parentale sur l'enfant pour traiter légalement les données personnelles de l'enfant.</p> <p>Sous réserve des autres lois, le consentement obtenu au nom de l'enfant n'est acceptable que</p>
--	--	--

<p>iyo biri mu nyungu ze. icyakora, uku kwemera ntigusabwa mu gutunganya amakuru bwite y'umwana iyo ari ngombwa mu rwego rwo kurengera inyungu z'ingenzi z'umwana.</p> <p><b><u>Ingingo ya 10: Impamvu zo gutunganya amakuru bwite y'ibanga</u></b></p> <p>Umuntu ashobora gusa gukusanya no gutunganya amakuru bwite y'ibanga iyo:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° kuyatunganya bikenewe hagamijwe gushyira mu bikorwa inshingano z'umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru cyangwa kubahiriza uburenganzira bwihariye bwa nyir'ubwite hakurikijwe amategeko abigenga;</li> <li>2° kuyatunganya bikenewe mu rwego rwo kurengera inyungu z'ingenzi za nyir'ubwite cyangwa undi muntu;</li> <li>3° kuyatunganya bikenewe mu rwego rw'ubuvuzi bwo kwirinda indwara cyangwa ubuvuzi bw'indwara zikomoka ku murimo, ubuzima rusange nko kwirinda ingorane zikomeye zo mu rwego rw'ubuzima zambukiranyanya imipaka cyangwa kureba ko hari ibipimo ngenderwaho byo mu rwego</li> </ol>	<p>given in the interest of the child. However, the consent is not required to process the child's personal data if it is necessary for protecting the vital interest of the child.</p> <p><b><u>Article 10: Grounds for processing sensitive personal data</u></b></p> <p>A person may collect and process sensitive personal data only if:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° the processing is necessary for the purposes of carrying out the obligations of the data controller or data processor, or exercising specific rights of the data subject in accordance with relevant laws;</li> <li>2° the processing is necessary to protect the vital interests of the data subject or of another person;</li> <li>3° the processing is necessary for the purposes of preventive or occupational medicine, public health such as protecting against serious cross-border threats to health or ensuring high standards of quality and safety of health care and of medicinal products or medical devices;</li> </ol>	<p>s'il est donné dans son intérêt. Toutefois, le consentement n'est pas requis pour traiter les données personnelles d'un enfant si cela est nécessaire pour protéger des intérêts vitaux de l'enfant.</p> <p><b><u>Article 10: Motifs de traiter les données personnelles sensibles</u></b></p> <p>Une personne ne peut collecter et traiter des données personnelles sensibles que si:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° le traitement est nécessaire aux fins de l'exécution des obligations du contrôleur de données ou du responsable du traitement des données, ou de l'exercice des droits spécifiques de la personne fichée conformément à la législation en la matière;</li> <li>2° le traitement est nécessaire pour protéger les intérêts vitaux de la personne fichée ou d'une autre personne;</li> <li>3° le traitement est nécessaire à des fins de médecine préventive ou du travail, de santé publique comme la protection contre les menaces transfrontières graves pour la santé ou la garantie des normes élevées de qualité et de sécurité des soins de santé et des médicaments ou dispositifs médicaux;</li> </ol>
---	--	---

<p>rwo hejuru by'ubuziranenge n'umutekano wa serivisi zita ku buzima n'imiti ikoreshwa mu buvuzi cyangwa ibikoresho byo mu buvuzi;</p> <p>4° kuyatunganya bikenewe mu rwego rwo kunoza ishyinguramakuru mu nyungu rusange cyangwa ku mpamvu z'ubushakashatsi mu bumenyi no mu mateka cyangwa z'ibarurishamibare; cyangwa</p> <p>5° gutunganya amakuru bishingiye ku kwemera kweruye kwa nyir'ubwite.</p> <p><b><u>Ingingo ya 11:</u> Ingamba zo gutunganya amakuru bwite y'ibanga</b></p> <p>Umuntu wifuza gutunganya amakuru bwite y'ibanga agomba kubahiriza ingamba ziboneye zikurikira zo kurengera inyungu za nyir'ubwite:</p> <p>1° kubahiriza ibisabwa ku mutekano w'amakuru bwite cyangwa kugenzura amakuru bwite nk'uko bisabwa n'ingingo ya 40 y'iri tegeko n'ibindi byose bisabwa bishyirwaho n'urwego rugenzura;</p> <p>2° kubahiriza ibihe byo kubika amakuru</p>	<p>4° the processing is necessary to ensure data archiving in the public interest, or scientific and historical research purposes or statistical purposes; or</p> <p>5° the processing is based on the data subject's explicit consent.</p> <p><b><u>Article 11:</u> Safeguards to process sensitive personal data</b></p> <p>A person who intends to process sensitive personal data must adhere to the following appropriate safeguards to ensure that interests of the data subject are protected:</p> <p>1° complying with requirements for personal data security or personal data protection monitoring as required by Article 40 of this Law and any applicable requirements established by the supervisory authority;</p> <p>2° respecting any applicable personal data</p>	<p>4° le traitement est nécessaire pour assurer l'archivage de données dans l'intérêt public ou à des fins de recherche scientifique et historique ou à des fins statistiques; ou</p> <p>5° le traitement est basé sur le consentement explicite de la personne fichée.</p> <p><b><u>Article 11:</u> Sauvegardes de traitement des données personnelles sensibles</b></p> <p>Une personne qui désire traiter des données personnelles sensibles doit adhérer aux sauvegardes appropriées suivantes pour assurer la protection des intérêts de la personne fichée:</p> <p>1° se conformer aux exigences relatives à la sécurité des données personnelles ou au suivi de la protection des données personnelles telles que requises par article 40 de la présente loi et à toutes les exigences applicables fixées par l'autorité de supervision;</p> <p>2° respecter toutes les périodes de</p>
--	---	--

<p>bwite byateganyijwe bisabwa ku makuru bwite y'ibanga;</p> <p>3° gushyiraho ingamba z'ubukangurambaga mu bakozi bafite uruhare mu itunganywa ry'amakuru;</p> <p>4° gushyiraho ingamba zo kubona amakuru bwite y'ibanga yatunganyijwe n'umugenzuzi w'amakuru cyangwa uyatunganya;</p> <p>5° gushyira mu bikorwa ingamba zo mu rwego rwa tekini n'imitunganyirize ziboneye zigamije gushyiraho umutekano ukwiye ku ngorane nyir'ubwite ashobora guhura na zo, harimo, iyo bikwiye, kubika amakuru bwite y'ibanga mu buryo butandukanye n'ubundi bwoko bw'amakuru no gushyiraho ingamba zirimo nko gushyiraho insimburamakuru, guhimba izina rya nyir'amakuru cyangwa guhindura imiterere y'amakuru.</p>	<p>retention periods that apply to the sensitive personal data;</p> <p>3° putting in place measures to increase awareness of staff involved in processing operations;</p> <p>4° putting in place measures to access sensitive personal data processed by the data controller or data processor;</p> <p>5° implementing appropriate technical and organisational measures to ensure a level of security appropriate to the risk posed to the data subject, including, where appropriate, storing sensitive personal data separately from other types of data, and applying measures such as tokenisation, pseudonymisation or encryption.</p>	<p>conservation de données personnelles qui s'appliquent aux données personnelles sensibles;</p> <p>3° mettre en place des mesures de sensibilisation du personnel impliqué dans les opérations de traitement;</p> <p>4° mettre en place des mesures d'accès aux données personnelles sensibles traitées par le contrôleur de données ou la personne responsable du traitement des données;</p> <p>5° mettre en œuvre des mesures techniques et organisationnelles appropriées pour assurer un niveau de sécurité adapté au risque posé à la personne fichée, y compris, le cas échéant, le stockage de données personnelles sensibles séparément des autres types de données et la mise en application des mesures telles que la tokenisation, la pseudonymisation ou le cryptage.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 12:</u> Gutunganya amakuru bwite y'uwahamijwe icyaha</b></p> <p>Gutunganya amakuru bwite y'uwahamijwe icyaha bikorwa bigenzuwe n'urwego rugenzura cyangwa iyo byemewe n'itegeko ribigenga.</p>	<p><b><u>Article 12:</u> Processing personal data of a convict</b></p> <p>Processing personal data of a convict is carried out under the supervision of the supervisory authority or when it is authorised by relevant</p>	<p><b><u>Article 12:</u> Traitement des données personnelles d'un condamné</b></p> <p>Le traitement des données personnelles d'un condamné est effectué sous la supervision de l'autorité de supervision ou lorsqu'il est</p>

<p>Utunganya amakuru ashyiraho ingamba ziboneye zo kubahiriza uburenganzira n'ubwisanzure bya nyir'ubwite.</p> <p><b><u>Ingingo ya 13:</u> Gutunganya amakuru bwite bidasaba umwirondoro wa nyir'ubwite</b></p> <p>Iyo impamvu zituma umugenzuzi w'amakuru atunganya amakuru bwite zidasaba cyangwa zitagisaba umwirondoro wa nyir'ubwite, umugenzuzi ntategetswe kubika, kwakira cyangwa gucunga amakuru y'inyongera kugira ngo hamenyekane nyir'ubwite ku mpamvu yonyine yo kubahiriza iri tegeko.</p> <p>Iyo umugenzuzi w'amakuru adashoboye kumenya umwirondoro wa nyir'ubwite, abimenyeshya nyir'ubwite, igihe bishoboka. icyo gihe ingingo ya 20 kugeza ku ya 25 z'iri tegeko ntizikurikizwa, keretse iyo nyir'ubwite, mu rwego rwo kubahiriza uburenganzira bwe ahabwa n'izo ngingo, atanze amakuru y'inyongera atuma umwirondoro we umenyekana.</p> <p><b><u>Ingingo ya 14:</u> Inkomoko y'amakuru bwite</b></p>	<p>legislation.</p> <p>The data processor puts in place appropriate safeguards to ensure the respect of rights and freedoms of the data subject.</p> <p><b><u>Article 13:</u> Processing personal data without identification of the data subject</b></p> <p>If the purposes for which a data controller processes personal data do not or no longer require the identification of the data subject by the controller, the controller is not obliged to maintain, acquire or process additional information in order to identify the data subject for the sole purpose of complying with this Law.</p> <p>In case the data controller is unable to identify the data subject, the controller informs the data subject accordingly, if possible. In that case, Articles 20 to 25 of this Law do not apply except where the data subject, for the purpose of exercising his or her rights under those Articles, provides additional information enabling his or her identification.</p> <p><b><u>Article 14:</u> Source of personal data</b></p>	<p>autorisé par la législation en la matière.</p> <p>Le responsable du traitement des données met en place des sauvegardes appropriées pour garantir le respect des droits et des libertés de la personne fichée.</p> <p><b><u>Article 13:</u> Traitement des données sans exigence de l'identification de la personne fichée</b></p> <p>Lorsque les objectifs pour lesquels un contrôleur des données traite les données personnelles n'exigent pas ou n'exigent plus l'identification d'une personne fichée, le contrôleur n'est pas obligé de maintenir, d'acquérir ou de traiter des informations supplémentaires afin d'identifier la personne fichée dans le seul but de se conformer à la présente loi.</p> <p>Dans le cas où le contrôleur des données ne parvient pas à identifier la personne fichée, le contrôleur en informe la personne fichée en conséquence, si possible. Dans ce cas, les articles 20 jusqu'à 25 de la présente loi ne s'appliquent pas sauf lorsque la personne fichée, aux fins d'exercer ses droits en vertu de ces articles, fournit des informations complémentaires permettant de l'identifier.</p> <p><b><u>Article 14:</u> Source des données personnelles</b></p>
--	--	--

<p>Umuntu wifuza gukusanya amakuru bwite ayasaba mu buryo butaziguye nyir'ubwite. icyakora, umuntu ashobora gukusanya amakuru bwite ayakuye ku wundi muntu, ahandi hantu cyangwa ku rwego rwa Leta iyo:</p> <p>1° amakuru afunguriwe rubanda;</p> <p>2° nyir'ubwite yashyize ayo makuru ahagaragara ku bushake;</p> <p>3° nyir'ubwite yemeye ko amakuru akusanywa aturutse ahandi hantu;</p> <p>4° gukusanya amakuru aturutse ahandi hantu bitabangamira imibereho bwite ya nyir'ubwite;</p> <p>5° gukusanya amakuru bwite aturutse ahandi hantu byemewe n'amategeko.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 2:</u> Ireme ry'amakuru bwite n'inyandiko z'amakuru bwite</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 15:</u> Ireme ry'amakuru bwite</b></p> <p>Umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya</p>	<p>A person who intends to collect personal data does so directly from the data subject. However, a person may also collect personal data from another person, another source or a public institution if:</p> <p>1° the data is open to the public;</p> <p>2° the data subject has deliberately made the data public;</p> <p>3° the data subject has consented to the collection of the information from another source;</p> <p>4° the collection of the data from another source does not prejudice the privacy of the data subject;</p> <p>5° the collection of the personal data from another source is lawful.</p> <p><b><u>Section 2:</u> Quality of personal data and records of personal data</b></p> <p><b><u>Article 15:</u> Quality of personal data</b></p> <p>A data controller or a data processor ensures</p>	<p>Une personne qui désire collecter de données personnelles doit les collecter directement auprès de la personne fichée. Toutefois, une personne peut collecter les données personnelles auprès d'une autre personne, d'une autre source ou d'une institution publique si:</p> <p>1° les données sont ouvertes au public;</p> <p>2° la personne fichée a délibérément rendu les données publiques;</p> <p>3° la personne fichée a consenti à la collecte des informations auprès d'une autre source;</p> <p>4° la collecte de données auprès d'une autre source ne porte pas atteinte à la vie privée de la personne fichée;</p> <p>5° la collecte des données auprès d'une autre source est légale.</p> <p><b><u>Section 2:</u> Qualité des données personnelles et documents des données personnelles</b></p> <p><b><u>Article 15:</u> Qualité des données personnelles</b></p> <p>Le contrôleur des données ou le responsable du</p>
--	---	--

<p>amakuru azenzura ko amakuru bwite yuzuye, ari ukuri, ajyanye n’igihe kandi atayobya hakurikijwe ikigamijwe mu kuyakusanya no kuyatunganya.</p> <p><b><u>Ingingo ya 16: Kwandika icyakozwe ku makuru</u></b></p> <p>Umugenzuzi w’amakuru cyangwa uyatunganya yandika, mu gihe kidatinze, icyakozwe cyose ku makuru mu bikorwa bikurikira :</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° amakuru yakusanyijwe;</li> <li>2° amakuru yahinduwe;</li> <li>3° amakuru yasomwe;</li> <li>4° amakuru yatangajwe harimo n’ayasangijwe abandi n’ayahererekanyijwe;</li> <li>5° amakuru yakomatanyijwe;</li> <li>6° amakuru yasibwe.</li> </ol> <p>Ibikorwa byakozwe ku makuru bivugwa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo bigomba kugaragaza impamvu yabyo, itariki n’igihe ibyo bikorwa byakorewe, kandi igihe cyose bishoboka, bikagaragaza n’umwirondoro</p>	<p>that the personal data is complete, accurate, updated and not misleading with regard to the purpose of its collection or processing.</p> <p><b><u>Article 16: Data logging</u></b></p> <p>A data controller or a data processor ensures data logging in a reasonable period of time on the following data operations:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° data collected;</li> <li>2° data altered;</li> <li>3° data consulted;</li> <li>4° data disclosed including data sharing and transfer;</li> <li>5° combined data;</li> <li>6° erased data.</li> </ol> <p>Logs referred to in Paragraph One of this Article must indicate justification, date and time of such operations and, as far as possible, the identity of the person who consulted or disclosed the personal data, as well as the</p>	<p>traitement des données veille à ce que les données personnelles soient complètes, exactes, mises à jour et non trompeuses eu égard à l’objet de leur collecte ou de leur traitement.</p> <p><b><u>Article 16: Enregistrement des données</u></b></p> <p>Le contrôleur des données ou le responsable du traitement des données veille à l’enregistrement des données dans un temps raisonnable sur les opérations appliquées à des données suivantes :</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° les données collectées;</li> <li>2° les données altérées;</li> <li>3° les données consultées;</li> <li>4° les données divulguées, y compris le partage et le transfert;</li> <li>5° les données combinées;</li> <li>6° les données effacées.</li> </ol> <p>Les fichiers visés à l’alinéa premier du présent article doivent indiquer la justification, la date et l’heure de ces opérations et, dans la mesure du possible, l’identité de la personne qui a consulté ou divulgué les données personnelles,</p>
---	---	---

<p>w'umuntu wasomye cyangwa watanze amakuru bwite, ndetse n'umwirondoro w'abo ayo makuru yari agenewe.</p> <p>Urwego rugenzura rushobora gusaba umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru gutanga uburenganzira bwo kugera ku madosiye hagamijwe kureba niba gutunganya amakuru bikorwa mu buryo bwemewe n'amategeko, gukora ubugenzuzi mu rwego rwo kubungabunga ubudakemwa n'umutekano w'amakuru bwite no gutanga ubufasha mu manza nshinjabyaha.</p> <p><b><u>Ingingo va 17: Kubika inyandiko z'amakuru yatunganyijwe</u></b></p> <p>Umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru agomba kubika inyandiko y'ibikorwa byose byerekeye amakuru yatunganyijwe ari mu nshingano ze igaragaza:</p> <p>1° izina n'umwirondoro by'umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru, iby'umuhagarariye cyangwa undi mukozi ushinzwe umutekano w'amakuru aho bishoboka;</p> <p>2° ikigamijwe mu gutunganya amakuru;</p>	<p>identity of the recipients of the data.</p> <p>The supervisory authority may require the data controller or data processor to provide access to the logs so that the supervisory authority may verify the lawfulness of the processing, carry out audits to ensure the integrity and security of the personal data, and assist with criminal proceedings.</p> <p><b><u>Article 17: Keeping records of processed data</u></b></p> <p>A data controller or a data processor must keep a record of all data processing operations under his or her responsibility that indicates:</p> <p>1° the name and the identity of the data controller or data processor and, where applicable, the name of his or her representative or any data protection officer;</p> <p>2° the purpose of data processing;</p> <p>3° a description of the categories of data</p>	<p>ainsi que l'identité des destinataires des données.</p> <p>L'autorité de supervision peut demander au contrôleur des données ou au responsable du traitement des données de lui donner accès aux fichiers pour qu'elle puisse vérifier la légalité du traitement, effectuer des audits pour garantir l'intégrité et la sécurité des données personnelles et donner son appui aux poursuites pénales.</p> <p><b><u>Article 17: Tenir des documents des données traitées</u></b></p> <p>Le contrôleur des données ou le responsable du traitement des données doit garder un document de toutes les opérations de traitement des données sous sa responsabilité qui indique:</p> <p>1° le nom et l'identité du contrôleur des données ou du responsable du traitement des données et, le cas échéant, le nom de son représentant ou de tout agent chargé de la protection des données;</p> <p>2° l'objet du traitement des données;</p>
--	---	--



<p>3° ibisobanuro ku byiciro bya ba nyir'ubwite n'iby'ibyciro by'amakuru bwite;</p> <p>4° urutonde rwuzuye rw'abagenewe amakuru bwite cyangwa abazayahabwa, harimo abatuye mu bindi bihugu;</p> <p>5° ibisobanuro ku ihererekanya ry'amakuru bwite ajya mu kindi gihugu hanze y'u Rwanda;</p> <p>6° aho bishoboka, ibihe ntarengwa biteganyijwe byo gukomeza kubika ibyciro bitandukanye by'amakuru bwite;</p> <p>7° ibisobanuro ku buryo bukoreshwa buvugwa mu gace ka 1° n'aka 3° tw'igika cya mbere cy'ingingo ya 35 y'iri tegeko.</p> <p>Umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru, abisabwe, agomba gushyikiriza urwego rugenzura inyandiko z'ibyakozwe mu gutunganya amakuru.</p> <p><b><u>UMUTWE WA III: UBURENGANZIRA BWA NYIR'UBWITE</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 18: Uburenganzira ku makuru</u></b></p>	<p>subjects and of categories of personal data;</p> <p>4° a full list of the recipients to whom personal data have been or will be disclosed, including those based in other countries;</p> <p>5° details of any transfers of personal data to any country outside Rwanda;</p> <p>6° where possible, the envisaged data retention periods for the different categories of personal data;</p> <p>7° the description of the mechanisms referred to in Items 1° and 3° of Paragraph One of Article 35 of this Law.</p> <p>The data controller or data processor is required, on request, to submit the records of data processing operations to the supervisory authority.</p> <p><b><u>CHAPTER III: RIGHTS OF A DATA SUBJECT</u></b></p> <p><b><u>Article 18: Right to information</u></b></p>	<p>3° une description des catégories de personnes fichées et des catégories de données personnelles;</p> <p>4° une liste complète des destinataires auxquels les données personnelles ont été ou seront divulguées, y compris ceux établis dans d'autres pays;</p> <p>5° les renseignements de tout transfert de données personnelles vers n'importe quel pays en dehors du Rwanda;</p> <p>6° dans la mesure du possible, les délais de rétention de données envisagés pour les différentes catégories de données personnelles;</p> <p>7° la description des mécanismes visés aux points 1° et 3° de l'alinéa premier de l'article 35 de la présente loi.</p> <p>Le contrôleur de données ou le responsable du traitement des données, est tenu, sur demande, de donner à l'autorité de supervision les documents des opérations de traitement des données.</p> <p><b><u>CHAPITRE III: DROITS DE LA PERSONNE FICHÉE</u></b></p> <p><b><u>Article 18: Droit aux informations</u></b></p>
--	--	---

<p>Bitabangamiye andi mategeko abigenga, nyir'ubwite ashobora gusaba umugenzuzi w'amakuru ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° kumuha amakuru yerekeye ibigamijwe mu gutunganya amakuru bwite;</li> <li>2° kumuha kopi y'amakuru amureba;</li> <li>3° kumuha imiterere y'amakuru bwite umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru afite harimo amakuru yerekeye umwirondoro w'undi muntu cyangwa ibyiciro by'abandi bantu bafite cyangwa babonye amakuru;</li> <li>4° kumumenyesha inkomoko y'amakuru bwite mu gihe amakuru ye bwite yakusanyijwe adaturutse kuri nyir'ubwite;</li> <li>5° kumumenyesha mu gihe hari amakuru ye bwite yohererejwe mu kindi gihugu cyangwa mu muryango mpuzamahanga.</li> </ol> <p>Umugenzuzi w'amakuru agomba guha nyir'ubwite amakuru mu buryo busobanutse</p>	<p>Without prejudice to other relevant laws, the data subject may request from a data controller the following:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° to provide him or her the information relating to the purposes of personal data processing;</li> <li>2° to provide him or her with a copy of the data that concerns him or her;</li> <li>3° to give him or her a description of personal data that the data controller or data processor holds, including data on the identity of a third party or the categories of third parties who have or had access to the information;</li> <li>4° to inform him or her of the source of the personal data in case his or her personal data were not collected from the data subject;</li> <li>5° to inform him or her if his or her personal data have been transferred to another country or to an international organisation.</li> </ol> <p>The data controller must provide the information to the data subject in a clear and concise manner.</p>	<p>Sans préjudice d'autres lois, la personne fichée peut demander au contrôleur des données ce qui suit:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° lui fournir les informations relatives aux objectifs du traitement des données personnelles;</li> <li>2° lui fournir une copie des données qui lui concernent;</li> <li>3° lui donner une description des données personnelles que le contrôleur des données ou le responsable du traitement des données détient y compris des données sur l'identité d'une tierce personne ou des catégories des tierces personnes qui ont ou ont eu accès aux informations;</li> <li>4° lui informer de la source des données lorsque ses données personnelles n'ont pas été collectées auprès de la personne fichée;</li> <li>5° lui informer en cas de transfert de ses données personnelles vers un autre pays ou vers une organisation internationale.</li> </ol> <p>Le contrôleur des données doit fournir les informations à la personne fichée d'une manière</p>
--	---	--

<p>kandi mu magambo macye.</p> <p>Uburenganzira buvugwa mu gace ka 2° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo ntibukoreshwa iyo:</p> <p>1° bishobora kugira ingaruka mbi ku burenganzira cyangwa ku bwisanzure bw'abandi bantu;</p> <p>2° hakurikizwa amahitamo yo mu rwego rw'umwuga cyangwa indi nshingano ishingiye ku mategeko yo kugira ibanga;</p> <p>3° amakuru afitanye isano n'amakuru y'umucungire cyangwa amakuru areba nyir'ubwite cyangwa yerekeye imishyikirano ikorwa muri icyo gihe na nyir'ubwite usaba; cyangwa</p> <p>4° amakuru afitanye isano n'ibyifashishwa by'ibanga bya nyir'ubwite, inyandiko z'ibizami cyangwa amanota y'ibizami.</p> <p>Nyir'ubwite utishimiye igisubizo ahawe n'umugenzuzi w'amakuru ashobora kujuririra urwego rugenzura.</p> <p><b><u>Ingingo ya 19:</u> Uburenganzira bwo gutambamira</b></p>	<p>The exercise of the right referred to in Item 2° of Paragraph One of this Article does not apply if:</p> <p>1° it may adversely affect the rights and freedoms of other individuals;</p> <p>2° legal professional privilege or another legal obligation of confidentiality applies;</p> <p>3° the data relates to management information or information about the data subject or relates to ongoing negotiations with the data subject requester; or</p> <p>4° the data relates to the data subject's confidential references, examination scripts or examination marks.</p> <p>A data subject who is not satisfied with the response of the data controller may appeal to the supervisory authority.</p> <p><b><u>Article 19:</u> Right to object</b></p>	<p>claire et concise.</p> <p>L'exercice du droit visé au point 2° du premier alinéa du présent article ne s'applique pas si:</p> <p>1° il peut porter atteinte aux droits et libertés d'autrui;</p> <p>2° le privilège professionnel légal ou une autre obligation légale de confidentialité s'applique;</p> <p>3° les données concernent des informations de gestion ou des informations sur la personne fichée ou sont liées aux négociations en cours avec la personne fichée qui fait la demande; ou</p> <p>4° les données se rapportent aux références confidentielles de la personne fichée, aux scripts d'examen ou aux notes d'examen.</p> <p>Une personne fichée qui n'est pas satisfaite de la réponse du contrôleur des données peut faire recours à l'autorité de supervision.</p> <p><b><u>Article 19:</u> Droit d'opposition</b></p>
---	--	--

<p>Nyir'ubwite ashobora, igihe icyo ari cyo cyose, gusaba umugenzuzi w'amakuru mu nyandiko guhagarika gutunganya amakuru bwite yateza cyangwa ashobora guteza igihombo cyangwa akababaro nyir'ubwite. Ubu burenganzira ntibukoreshwa iyo umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru agaragaje impamvu yumvikana kandi ikomeye y'itunganywa ry'ayo makuru, irusha uburemere inyungu, uburenganzira n'ubwisanzure bya nyir'ubwite cyangwa gutangiza ikirego, kugukurikirana cyangwa kwiregura mu nkiko.</p>	<p>A data subject, at any time in writing, may require the data controller to stop processing personal data which causes or is likely to cause damage or distress to the data subject. This right does not apply if the data controller or data processor demonstrates compelling legitimate grounds for the data processing, which override the interests, rights and freedoms of the data subject or for the initiation, exercise or defense of legal claims.</p>	<p>Une personne fichée peut, à tout moment par écrit demander au contrôleur des données de cesser de traiter des données personnelles qui causent ou sont susceptibles de causer un dommage ou une détresse à la personne fichée. Ce droit ne s'applique pas si le contrôleur des données ou le responsable du traitement des données démontre un motif légitime et impérieux pour le traitement des données, qui prévaut sur les intérêts, les droits et les libertés de la personne fichée ou pour l'initiation, l'exercice ou la défense de réclamations légales.</p>
<p>Nyir'ubwite ashobora, igihe icyo ari cyo cyose, gusaba umugenzuzi w'amakuru mu nyandiko guhagarika gutunganya amakuru bwite ya nyir'ubwite iyo amakuru bwite atunganywa ku mpamvu zo kwamamaza mu buryo butaziguye, harimo no gukora ishusho y'amakuru iyo ifitanye isano n'uko kwamamaza.</p>	<p>A data subject, at any time in writing, may require the data controller to stop processing personal data of the data subject if the personal data are processed for direct marketing purposes, including profiling if it is related to such marketing.</p>	<p>Une personne fichée peut, à tout moment par écrit, demander au contrôleur des données de cesser de traiter des données personnelles de la personne fichée si les données personnelles sont traitées à des fins de marketing direct, y compris le profilage s'il est lié à ce marketing direct.</p>
<p>Umugenzuzi w'amakuru, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uherye ku muni yakiriyeho ubusabe, agomba kumenyesha nyir'ubwite mu nyandiko ibijyanye no kubahiriza ubwo busabe cyangwa impamvu atazabwubahiriza.</p>	<p>A data controller, within thirty (30) days from the date of receipt of the request, must inform the concerned data subject in writing of the compliance with the request or reasons for non-compliance.</p>	<p>Le contrôleur des données, dans un délai de trente (30) jours après réception de la demande, doit informer, par écrit, la personne fichée du respect de cette demande ou des raisons du non-respect.</p>
<p>Ny'ir'ubwite utishimiye igisubizo ahawe n'umugenzuzi w'amakuru ashobora kujuririra urwego rugenzura.</p>	<p>A data subject who is not satisfied with the response of the data controller may appeal to the supervisory authority.</p>	<p>La personne fichée qui n'est pas satisfaite de la réponse du contrôleur des données peut faire un recours auprès de l'autorité de supervision.</p>

**Ingingo ya 20: Uburenganzira bwo kubona no gutanga amakuru bwite**

Nyir'ubwite afite uburenganzira bwo gusaba umugenzuzi w'amakuru kumusubiza amakuru ye bwite nk'uko yayamuhaye mu buryo butunganye kandi asomeka ku mashini. Nyir'ubwite kandi afite uburenganzira bwo gusaba ko amakuru ye bwite ahererekanywa n'undi mugenzuzi w'amakuru nta mbogamizi biteye igihe bishoboka mu rwego bwa tekini.

Uburenganzira buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibugomba kubangamira uburenganzira n'ubwisanzure bw'abandi.

**Ingingo ya 21: Uburenganzira bwo kutagengwa n'icyemezo hashingiwe ku itunganywa ry'amakuru ryikoresha**

Nyir'ubwite afite uburenganzira bwo kutagengwa n'icyemezo cyafatwa hashingiwe gusa ku itunganywa ry'amakuru ryikoresha harimo gukora ishusho y'amakuru byamugiraho ingaruka.

Icyakora, ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibikurikizwa icyo cyemezo:

**Article 20: Right to receive and share personal data**

The data subject has the right to request the data controller to resend the personal data concerning him or her as it was provided to the data controller, in a structured and in machine readable format. The data subject also has the right to request to have his or her personal data transferred to another data controller, where technically feasible, without hindrance.

The right referred to in Paragraph One of this Article may not adversely affect the rights and freedoms of others.

**Article 21: Right of not being subject to decision based on automated data processing**

A data subject has the right of not being subject to a decision taken based solely on automated data processing including profiling which produces consequences to him or her.

However, the provisions of Paragraph One of this Article do not apply if the decision:

1° is required to conclude or execute a

**Article 20: Droit de recevoir et de partager des données personnelles**

La personne fichée a le droit de demander au contrôleur de données de renvoyer les données personnelles qui la concernent comme elles ont été fournies au contrôleur de données dans un format structuré et lisible par machine. La personne fichée a également le droit de demander que ses données personnelles soient transférées à un autre contrôleur des données, lorsque cela est techniquement possible, sans aucune entrave.

Le droit visé à l'alinéa premier du présent article ne peut pas porter atteinte aux droits et libertés d'autrui.

**Article 21: Droit de ne pas être soumis à une décision prise sur base du traitement automatisé des données**

La personne fichée a le droit de ne pas être soumise à une décision prise sur base unique du traitement des données automatisées y compris le profilage qui produit des conséquences sur lui.

Toutefois, les dispositions du premier alinéa du présent article ne s'appliquent pas si la décision:

<p>1° gikenewe mu gukora cyangwa gushyira mu bikorwa amasezerano hagati ya nyir'ubwite n'umugenzuzi w'amakuru;</p> <p>2° cyemewe n'amategeko umugenzuzi w'amakuru agomba kubahiriza kandi gishyiraho ingamba zikwiriye zo kurinda uburenganzira, ubwisanzure n'inyungu zemewe bya nyir'ubwite; cyangwa</p> <p>3° gishingiye ku kwemera kwa nyir'ubwite mu buryo bweruye.</p> <p>Gutunganya amakuru bwite mu buryo bwikoresha ubwo ari bwo bwose bigamije gusuzuma imwe mu miterere bwite yerekeye umuntu ku giti cye ntibishingira ku makuru bwite y'ibanga keretse iyo kimwe mu biteganywa mu ngingo ya 10 y'iri tegeko cyubahirijwe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 22:</u> Uburenganzira bwo guhagararirwa</b></p> <p>Nyir'ubwite agira uburenganzira bwo guhagararirwa iyo:</p> <p>1° ataragira imyaka y'ubukure agahagararirwa n'umuntu umufiteho ububasha bwa kibyezi cyangwa wagenwe nk'umwishingizi we;</p>	<p>contract between the data subject and a data controller;</p> <p>2° is authorised by law of which a data controller must respect and which lays down suitable measures to safeguard the data subject's rights, freedoms and legitimate interests; or</p> <p>3° is based on the data subject's explicit consent.</p> <p>Any automated processing of personal data intended to evaluate certain personal aspects relating to an individual does not base on sensitive personal data unless one of the conditions set out in Article 10 of this Law is met.</p> <p><b><u>Article 22: Right to representation</u></b></p> <p>A data subject is entitled to the right to representation if:</p> <p>1° he or she is a minor, in which case he or she is represented by a person who has parental authority over the minor or who was appointed as his or her guardian;</p>	<p>1° est requise pour conclure ou exécuter un contrat entre la personne fichée et un contrôleur des données;</p> <p>2° est autorisée par la loi que le contrôleur des données doit respecter et qui prévoit des mesures appropriées pour sauvegarder des droits, des libertés et des intérêts légitimes de la personne fichée; ou</p> <p>3° est basée sur le consentement explicite de la personne fichée.</p> <p>Tout traitement automatisé des données personnelles destiné à évaluer certains aspects personnels relatifs à un individu ne s'appuie pas sur des données personnelles sensibles sauf si l'une des conditions établies par l'article 10 de la présente loi est remplie.</p> <p><b><u>Article 22: Droit de représentation</u></b></p> <p>La personne fichée a droit de se faire représenter si:</p> <p>1° elle est un mineur, au cas où elle est représentée par une personne qui a l'autorité parentale sur le mineur ou qui a été désignée comme son tuteur;</p>
--	--	---

<p>2° afite ubumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe agahagararirwa n'umuntu umurera cyangwa umwishingizi wagenwe n'urukiko;</p> <p>3° hari indi mpamvu, agahagararirwa n'umuntu wabiherewe uburenganzira mu nyandiko na nyir'ubwite nyuma yo kubisaba.</p> <p><b><u>Ingingo ya 23: Uburenganzira bwo kubuza gutunganya amakuru bwite</u></b></p> <p>Ny'ir'ubwite cyangwa urwego rugenzura bafite uburenganzira bwo kubuza umugenzuzi w'amakuru gutunganya amakuru bwite mu gihe runaka iyo:</p> <p>1° ukuri kw'amakuru bwite guhakanwe na nyir'ubwite, hagamijwe kugenzura ukuri kwayo;</p> <p>2° kuyatunganya bitemewe n'amategeko kandi nyir'ubwite atambamiye ihanagurwa ry'amakuru bwite ahubwo agasaba kubuza ikorehwa ryayo;</p> <p>3° nyir'ubwite yatambamiye itunganywa ry'amakuru mu gihe hakigenzurwa niba</p>	<p>2° he or she is physically or mentally unfit, in which case, he or she is represented by his or her guardian or legal administrator appointed by a court;</p> <p>3° there is any other reason, in which case he or she is represented by another person authorised in writing by the data subject after requesting for it.</p> <p><b><u>Article 23: Right to restriction of processing of personal data</u></b></p> <p>A data subject or the supervisory authority has the right to restrict a data controller from processing personal data for a given period if:</p> <p>1° the accuracy of personal data is contested by the data subject with the purpose of verifying the accuracy of the personal data;</p> <p>2° their processing is unlawful and the data subject opposes the erasure of the personal data and requests for the restriction of their use instead;</p> <p>3° the data subject has objected to the processing pending verification as to whether the legitimate grounds of the</p>	<p>2° elle est physiquement ou mentalement inapte, au cas où elle est représentée par un tuteur ou administrateur légal désigné par une juridiction;</p> <p>3° il y a une autre raison, auquel cas elle est représentée par une autre personne autorisée par écrit par la personne fichée après l'avoir demandé.</p> <p><b><u>Article 23: Droit de restriction du traitement des données personnelles</u></b></p> <p>Une personne fichée ou l'autorité de supervision ont le droit de restreindre le contrôleur des données de faire le traitement des données personnelles pendant une période donnée si:</p> <p>1° l'exactitude des données personnelles est contestée par la personne fichée en vue de vérifier l'exactitude des données;</p> <p>2° leur traitement est illégal et la personne fichée s'oppose à l'effacement de données personnelles et demande plutôt la restriction de leur utilisation;</p> <p>3° la personne fichée s'est opposée au traitement dans l'attente d'une</p>
---	---	--

<p>hari impamvu zemewe umugenzuzi w'amakuru ashingiraho zirusha uburemere iza nyir'ubwite.</p> <p>Uburenganzira bwo kubuza gutunganya amakuru bwite buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibukoreshwa iyo:</p> <p>1° gutunganya amakuru ari ngombwa mu rwego rwo kurinda uburenganzira bw'undi muntu;</p> <p>2° gutunganya amakuru ari ngombwa mu nyungu rusange.</p> <p>Umugenzuzi w'amakuru, mbere gukuraho ibuzwa ry'itunganywa ry'amakuru bwite riteganywa mu gace ka 1° k'icyika cya 2 cy'iyi ngingo, agomba kubimenyesha nyir'ubwite.</p> <p><b><u>Ingingo ya 24: Uburenganzira bwo gusiba amakuru bwite</u></b></p> <p>Nyir'ubwite afite uburenganzira bwo gusaba umugenzuzi w'amakuru gusiba amakuru bwite ya nyir'ubwite iyo:</p> <p>1° amakuru atagikenewe mu bijyanye n'icyari kigamijwe ubwo amakuru yakusanywaga cyangwa yatunganyagwa;</p>	<p>data controller override those of the data subject.</p> <p>The right to restriction of processing of personal data described in Paragraph One of this Article does not apply where:</p> <p>1° the processing is necessary for protection of the rights of another person;</p> <p>2° the processing is necessary for reasons of public interest.</p> <p>A data controller must, before lifting the restrictions on processing of the personal data, provided for under Item section 1° of Paragraph 2 of this Article, inform the data subject.</p> <p><b><u>Article 24: Right to erasure of personal data</u></b></p> <p>A data subject is entitled to the right to request a data controller to erase the data subject's personal data if:</p> <p>1° the data are no longer necessary in relation to the purpose for which they were collected or otherwise processed;</p>	<p>vérification pour savoir si les motifs légitimes du contrôleur des données l'emportent sur ceux de la personne fichée.</p> <p>Le droit à la restriction de traitement des données personnelles décrit à l'alinéa premier du présent article ne s'applique pas lorsque:</p> <p>1° le traitement est nécessaire à la protection des droits d'autrui;</p> <p>2° le traitement est nécessaire pour des raisons d'intérêt public.</p> <p>Un contrôleur des données est tenu, avant de lever les restrictions au traitement des données personnelles prévues au point 1° de l'alinéa 2 du présent article, d'informer la personne fichée.</p> <p><b><u>Article 24: Droit à l'effacement des données personnelles</u></b></p> <p>La personne fichée a droit de demander au contrôleur de données d'effacer les données personnelles de la personne fichée si:</p> <p>1° les données ne sont plus nécessaires au regard de l'objectif pour lequel elles ont été collectées ou traitées;</p>
--	--	--



<p>2° nyir'ubwite yisubiyeho ku kwiyemerera kwe ari na ko kwashingiweho mu gutunganya amakuru kandi nta yindi mpamvu yemewe n'amategeko y'iryo tunganywa;</p> <p>3° nyir'ubwite atambamiye itunganywa ry'amakuru bwite kandi hakaba nta mpamvu iremereye yemewe y'iryo tunganywa; cyangwa</p> <p>4° amakuru bwite yatunganyijwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko.</p> <p>Umugenzuzi w'amakuru watangarije amakuru bwite undi muntu cyangwa wayashyize ku rubuga rusange agomba kumenyesha abandi bantu batunganya ayo makuru ko nyir'ubwite yasabye isibwa ry'imiyoboro yayo cyangwa kopi y'ayo makuru bwite.</p> <p>Icyakora, uburenganzira bwo gusaba ko amakuru bwite asibwa ntibukurikizwa iyo itunganywa ryayo rikenewe kubera:</p> <p>1° impamvu z'inyungu rusange;</p> <p>2° ubushakashatsi ku birebana n'amateka, ibarurishamibare cyangwa ubumenyi;</p>	<p>2° the data subject withdraws consent on which the data processing is based and where there is no other legal ground for the processing;</p> <p>3° the data subject objects to the processing of personal data and there is no overriding legitimate ground for the processing; or</p> <p>4° the personal data have been unlawfully processed.</p> <p>A data controller who has disclosed personal data to a third party or has posted the personal data in the public domain must take all reasonable steps to inform third parties processing such data that the data subject requested for erasure of any links to, or copy of that personal data.</p> <p>However, the right to request for erasure of personal data does not apply if the processing of the personal data is necessary for:</p> <p>1° reasons of public interest;</p> <p>2° historical, statistical or scientific research;</p>	<p>2° la personne fichée retire le consentement sur lequel le traitement des données est basé et lorsqu'il n'existe aucun autre motif légal pour ce traitement;</p> <p>3° la personne fichée s'oppose au traitement des données personnelles et qu'il n'existe aucun motif légitime pour le traitement des données; ou</p> <p>4° les données personnelles ont été illégalement traitées.</p> <p>Un contrôleur des données qui a divulgué de données personnelles à un tiers ou qui a publié les données personnelles dans le domaine public doit prendre toutes les mesures raisonnables pour informer les tiers traitant ces données que la personne fichée a demandé l'effacement de tout lien ou de la copie de ces données personnelles.</p> <p>Toutefois, le droit de demander l'effacement de données personnelles ne s'applique pas si le traitement de ces dernières est nécessaire pour:</p> <p>1° des raisons d'intérêt public;</p> <p>2° la recherche historique, statistique ou scientifique;</p>
---	--	---

<p>3° kubahiriza inshingano iteganywa n'amategeko irebana n'umugenzuzi w'amakuru cyangwa gusohozwa inshingano iri mu nyungu rusange cyangwa gukoresha ububasha umugenzuzi w'amakuru afite; cyangwa</p> <p>4° gutanga ikirego mu rukiko, kugukurikirana cyangwa kwisobanura mu nyungu z'umugenzuzi w'amakuru.</p> <p>Nyir'ubwite utanyuzwe n'igisubizo cy'umugenzuzi w'amakuru ashobora kujuririra urwego rugenzura.</p> <p><b><u>Ingingo ya 25: Uburenganzira bwo gukosora</u></b></p> <p>Nyir'ubwite afite uburenganzira bwo gusaba umugenzuzi w'amakuru gukosora amakuru bwite ya nyir'ubwite. Nyir'ubwite, iyo ari ngombwa, afite uburenganzira bwo gusaba ko amakuru ye atuzuye yuzuzwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 26: Uburenganzira bw'abazungura</u></b></p> <p>Uzungura nyakwigendera afite uburenganzira bwo kubona amakuru bwite ya nyakwigendera</p>	<p>3° compliance with a legal obligation in relation to the data controller or for the performance of a task carried out in the public interest or in the exercise of official authority vested in the data controller; or</p> <p>4° filing, exercise or defense of a claim in the interest of the data controller.</p> <p>A data subject who is not satisfied with the response of the data controller may appeal to the supervisory authority.</p> <p><b><u>Article 25: Right to rectification</u></b></p> <p>A data subject has the right to request rectification of inaccurate personal data concerning that data subject from the data controller. The data subject, where required, has the right to have incomplete personal data completed.</p> <p><b><u>Article 26: Right of heirs</u></b></p> <p>A heir of the <i>de cuius</i> is entitled to the right to access, request for erasure or rectification of personal data of the <i>de cuius</i> kept by a data</p>	<p>3° le respect d'une obligation légale en rapport avec le contrôleur de données ou pour l'exécution d'une mission effectuée dans l'intérêt public ou dans l'exercice de l'autorité publique conférée au contrôleur des données; ou</p> <p>4° l'introduction, l'exercice ou la défense d'une action en justice dans l'intérêt du contrôleur des données.</p> <p>Une personne fichée qui n'est pas satisfaite de la réponse du contrôleur de données peut faire un recours auprès de l'autorité de supervision.</p> <p><b><u>Article 25: Droit de rectification</u></b></p> <p>Une personne fichée a le droit de demander au contrôleur de données de rectifier des données personnelles inexactes qui concernent la personne fichée. Elle a, le cas échéant, droit de faire compléter les données personnelles incomplètes.</p> <p><b><u>Article 26: Droits des héritiers</u></b></p> <p>Un héritier d'un <i>de cuius</i> a droit d'accéder, de demander l'effacement ou la rectification de</p>
--	---	---

<p>abitswe n’umugenzuzi w’amakuru cyangwa utunganya amakuru, gusaba ko asibwa cyangwa akosorwa, keretse iyo kuyabona, kuyasiba cyangwa kuyakosora byari byarabujijwe na nyakwigendera cyangwa n’itegeko.</p> <p><b>UMUTWE WA IV: IYANDIKWA RY’UMUGENZUZI W’AMAKURU N’UTUNGANYA AMAKURU</b></p> <p><b><u>Ingingo va 27:</u> Kwiyaandikisha nk’umugenzuzi w’amakuru cyangwa utunganya amakuru</b></p> <p>Umuntu wifuzaga gukora nk’umugenzuzi w’amakuru cyangwa utunganya amakuru agomba kwiyandikisha ku rwego rugenzura.</p> <p><b><u>Ingingo va 28:</u> Ibisabwa mu kwiyandikisha</b></p> <p>Umuntu usaba kwiyandikisha agomba kugaragaza:</p> <p>1° izina na aderesi by’usaba n’ahantu hamwe ashobora kubarizwa yagennye;</p> <p>2° izina na aderesi by’uhagarariye usaba iyo yagennye;</p>	<p>controller or a data processor unless access, erasure or rectification of the personal data had been prohibited by the <i>de cuius</i> or by law.</p> <p><b>CHAPTER IV: REGISTRATION OF A DATA CONTROLLER AND DATA PROCESSOR</b></p> <p><b><u>Article 27:</u> Registration as a data controller or data processor</b></p> <p>A person who intends to act as a data controller or a data processor must register with the supervisory authority.</p> <p><b><u>Article 28:</u> Requirements for registration</b></p> <p>A person who applies for registration must indicate:</p> <p>1° the name and address of the applicant and its designated single point of contact;</p> <p>2° the name and address of the representative of the applicant if the person has nominated any;</p>	<p>données du <i>de cuius</i> détenues par le contrôleur de données ou le responsable du traitement des données à moins que l’accès, l’effacement ou la rectification avaient été prohibés par le <i>de cuius</i> ou par la loi.</p> <p><b>CHAPITRE IV: ENREGISTREMENT D’UN CONTRÔLEUR DES DONNÉES ET D’UN RESPONSABLE DU TRAITEMENT DES DONNÉES</b></p> <p><b><u>Article 27:</u> Enregistrement en tant que contrôleur des données ou responsable du traitement des données</b></p> <p>Une personne qui désire agir en tant que contrôleur des données ou responsable du traitement des données doit se faire enregistrer auprès de l’autorité de supervision.</p> <p><b><u>Article 28:</u> Conditions pour l’enregistrement</b></p> <p>Une personne qui demande l’enregistrement doit indiquer:</p> <p>1° le nom et l’adresse du demandeur et son point de contact unique désigné;</p> <p>2° le nom et l’adresse du représentant du demandeur si cette personne l’a</p>
---	--	---

<p>3° ibisobanuro ku makuru bwite azatunganywa n'icyiciro cya ba nyir'ubwite;</p> <p>4° niba usaba afite cyangwa adafite cyangwa ashobora kugira ubwoko bw'amakuru bwite akurikije inzego z'imirimo akoreramo;</p> <p>5° ikigamijwe mu gutunganya amakuru bwite;</p> <p>6° ibyiciro bw'abagenewe amakuru umugenzuzi w'amakuru yifuza gutangariza amakuru bwite;</p> <p>7° igihugu usaba yifuza koherezamo amakuru ku buryo buziguye cyangwa butaziguye;</p> <p>8° ingorane muri rusange, ingamba zo kurinda umutekano n'uburyo bwo kurinda umutekano w'amakuru bwite;</p> <p>Urwego rugenzura rushobora kugena ibisabwa by'inyongera kugira ngo umuntu usaba kwiyangikisha ndetse n'ibisabwa mu kwandika ibigo bya Leta bifite mu nshingano gukusanya no gutunganya amakuru bwite.</p>	<p>3° a description of personal data to be processed and the category of data subjects;</p> <p>4° whether or not the applicant holds or is likely to hold the types of personal data based on the sectors in which it operates;</p> <p>5° the purpose for which the personal data are to be processed;</p> <p>6° the categories of recipients to whom the data controller intends to disclose the personal data;</p> <p>7° the country to which the applicant intends to directly or indirectly transfer the data;</p> <p>8° risks in general, security measures and mechanisms to ensure the protection of the personal data;</p> <p>The supervisory authority may determine additional requirements for registration of person who applies for registration as well as the modalities for registration of public institutions in charge of collecting and processing personal data.</p>	<p>nommé;</p> <p>3° la description des données personnelles à traiter et de la catégorie des personnes fichées;</p> <p>4° si le demandeur détient ou non ou est susceptible de détenir des types des données personnelles en fonction des secteurs dans lesquels il opère;</p> <p>5° l'objet pour lequel les données personnelles doivent être traitées;</p> <p>6° les catégories de destinataires auxquels le contrôleur des données désire divulguer les données personnelles;</p> <p>7° le pays vers lequel le demandeur désire transférer directement ou indirectement les données;</p> <p>8° les risques en général, les mesures de sécurité et des mécanismes d'assurer la protection des données personnelles;</p> <p>L'autorité de supervision peut déterminer les conditions additionnelles pour l'enregistrement d'une personne qui demande l'enregistrement ainsi que les modalités d'enregistrement des institutions publiques qui ont la collecte et le traitement des données personnelles dans leurs attributions.</p>
--	---	---

**Ingingo ya 29: Itangwa ry'icyemezo cy'iyandikwa**

Urwego rugenzura ruha icyemezo cy'iyandikwa usaba wujuje ibisabwa mu kwiandikisha mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi uherye ku muni rwakiriyeho ubusabe bwo kwiandikisha.

Urwego rugenzura rugena igihe icyemezo cy'iyandikwa kimara.

**Ingingo ya 30: Kumenyekanisha impinduka nyuma yo guhabwa icyemezo cy'iyandikwa**

Umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru agomba, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi nyuma yo guhabwa icyemezo cy'iyandikwa, kumenyeshya urwego rugenzura impinduka mu bisabwa mu kwiandikisha bivugwa mu ngingo ya 28 y'iri tegeko n'umunsi izo mpinduka zabereyeho.

Urwego rugenzura, rukimara kubimenyeshya hakurikijwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kandi nyuma yo kwibonera ko hari impinduka, ruhuza amakuru n'igihe.

**Ingingo ya 31: Kongerera igihe icyemezo**

**Article 29: Issuance of a registration certificate**

The supervisory authority issues the registration certificate to the applicant who meets the requirements for registration within thirty (30) working days from the date of reception of the registration application.

The supervisory authority determines the validity of the registration certificate.

**Article 30: Notification of changes after issuance of a registration certificate**

The data controller or data processor must, in a period of fifteen (15) working days following the date of issuance of a registration certificate, notify the supervisory authority of any changes and date of such changes in requirements for registration referred to in Article 28 of this Law.

The supervisory authority, upon receipt of notification made under the provisions of Paragraph One of this Article and on being satisfied that there is a change, updates the information.

**Article 31: Renewal of a registration certificate**

**Article 29: Octroi du certificat d'enregistrement**

L'autorité de supervision octroie le certificat d'enregistrement à un demandeur qui remplit les conditions d'enregistrement endéanstantre (30) jours ouvrables à compter de la date de réception de la demande d'enregistrement.

L'autorité de supervision détermine la validité du certificat d'enregistrement.

**Article 30: Notification des changements après la remise du certificat d'enregistrement**

Le contrôleur des données ou le responsable du traitement des données doit, endéans quinze (15) jours ouvrables suivant la date de remise du certificat d'enregistrement, notifier l'autorité de supervision des changements dans les conditions d'enregistrement visées à l'article 28 de la présente loi et la date de tels changements

L'autorité de supervision, à la réception d'une notification faite en vertu des dispositions de l'alinéa premier du présent article et lorsqu'elle est satisfaite qu'il y a un changement, met à jour les informations.

**Article 31: Renouvellement d'un certificat**

<p><b>cy'iyandikwa</b></p> <p>Uwahawe icyemezo cy'iyandikwa asaba ko cyongererwa igihe mu gihe kitarenze iminsi mirongo icyenda (90) mbere y'umunsi icyemezo asanganywe kizarangiriraho.</p> <p>Urwego rugenzura rugena ibisabwa mu kongerera igihe icyemezo cy'iyandikwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 32: Guhindura cyangwa gutesha agaciro icyemezo cy'iyandikwa</u></b></p> <p>Urwego rugenzura, rubyibwirije cyangwa rubisabwe n'uwahawe icyemezo cy'iyandikwa, rushobora guhindura icyemezo cy'iyandikwa mbere y'uko agaciro kacyo karangira iyo urwego rugenzura rubona ko iryo hinduka rikenewe kugira ngo gihuzwe na:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° impinduka zabaye mu mategeko akurikizwa;</li> <li>2° kuba uwahawe icyemezo atabasha kubahiriza amategeko n'amabwiriza mu buryo bitamuturutseho;</li> <li>3° impinduka yabaye mu makuru yatanze ishobora kugira ingaruka ku cyemezo cy'iyandikwa.</li> </ol>	<p>The holder of a registration certificate applies for its renewal within ninety (90) days before the expiry date of the existing certificate.</p> <p>The supervisory authority determines requirements for renewal of the registration certificate.</p> <p><b><u>Article 32: Modification or cancellation of registration certificate</u></b></p> <p>The supervisory authority, on its own or upon request by the certificate holder, may modify the registration certificate before its date of expiry if the supervisory authority believes that modification is needed to respond on:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° change on applicable laws;</li> <li>2° unintentional inability of the certificate holder to comply with terms and conditions;</li> <li>3° a change in the particulars that he or she provided that may affect the</li> </ol>	<p><b>d'enregistrement</b></p> <p>Le titulaire d'un certificat d'enregistrement demande le renouvellement de son certificat d'enregistrement endéans quatre-vingt-dix (90) jours avant la date d'expiration du certificat existant.</p> <p>L'autorité de supervision détermine les conditions pour le renouvellement d'un certificat d'enregistrement.</p> <p><b><u>Article 32: Modification ou annulation d'un certificat d'enregistrement</u></b></p> <p>L'autorité de supervision, de sa propre initiative ou sur demande d'un titulaire d'un certificat d'enregistrement, peut modifier le certificat d'enregistrement avant la date de son expiration si l'autorité de supervision estime qu'une telle modification est nécessaire pour répondre:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° au changement dans des lois applicables;</li> <li>2° à une incapacité involontaire d'un titulaire d'un certificat de se conformer aux termes et aux conditions;</li> <li>3° à un changement dans les informations qu'il a fournies pouvant affecter le certificat d'enregistrement.</li> </ol>
---	---	---

<p>Urwego rugenzura rushobora gutesha agaciro icyemezo cy'iyandikwa mbere y'uko igihe kizamara kirangira iyo uwahawe icyemezo cy'iyandikwa:</p> <p>1° yatanze amakuru y'ibinyoma cyangwa ayobya;</p> <p>2° atubahirije ibisabwa n'iri tegeko cyangwa amategeko n'amabwiriza bivugwa mu cyemezo, nta mpamvu ishingiyeye ku mategeko.</p> <p>Urwego rugenzura, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi mbere yo gutesha agaciro icyemezo cy'iyandikwa, rugomba guha uwahawe icyemezo integuza yo gutesha agaciro icyemezo imusaba gutanga ibisobanuro ku mpamvu atubahirije ibikubiye mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.</p> <p><b><u>Ingingo va 33:</u> Igitabo cyandikwamo abagenzuzi b'amakuru n'abatunganya amakuru</b></p> <p>Hashyizweho igitabo cyandikwamo abagenzuzi b'amakuru n'abatunganya amakuru cyitwa Igitabo cyerekeye Kurinda Umutekano</p>	<p>registration certificate.</p> <p>The supervisory authority may cancel the registration certificate before its date of expiry if the holder of a registration certificate:</p> <p>1° has submitted false or misleading information;</p> <p>2° fails to comply with requirements of this Law or terms and conditions specified in the certificate, without lawful reason.</p> <p>The supervisory authority must, within fifteen (15) working days before cancellation of the registration certificate, provide the certificate holder with the cancellation notice requesting for explanations on non-compliance with the provisions of Paragraph 2 of this Article.</p> <p><b><u>Article 33:</u> Register of data controllers and data processors</b></p> <p>A register of data controllers and data processors, known as the Data Protection</p>	<p>L'autorité de supervision peut annuler le certificat d'enregistrement avant la date de son expiration lorsque le titulaire d'un certificat d'enregistrement:</p> <p>1° a fourni les informations fausses ou trompeuses;</p> <p>2° ne se conforme pas aux conditions de la présente loi ou aux termes et conditions spécifiés dans le certificat, sans motif légal.</p> <p>L'autorité de supervision, endéans quinze (15) jours ouvrables avant l'annulation du certificat d'enregistrement, doit donner au titulaire du certificat un préavis d'annulation lui demandant des explications sur la non-conformité aux dispositions de l'alinéa 2 du présent article.</p> <p><b><u>Article 33:</u> Registre des contrôleurs des données et des responsables du traitement des données</b></p> <p>Il est établi un registre de contrôleurs des données et des responsables du traitement des données appelé Registre de Protection des</p>
---	---	---

<p>w'Amakuru. Icyo gitabo kibikwa kandi kigacungwa n'urwego rugenzura, ari na rwo rugena imiterere n'uburyo gikoreshwa.</p> <p>Urwego rugenzura, rubisabwe n'umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru ufite inyandiko mu Gitabo cyerekeye Kurinda Umutekano w'Amakuru itakijyanye n'igihe, rushobora gusiba icyo nyandiko muri icyo gitabo.</p> <p>Urwego rugenzura rugena uburyo abantu bafite impamvu zumvikana bashobora guhabwa Igitabo cyerekeye Kurinda Umutekano w'Amakuru kugira ngo basome ibikubiyemo.</p> <p>Urwego rugenzura rushobora guha umuntu ubisabye kopi yemejwe cyangwa inyandukuro y'ibyanditswe mu Gitabo cyerekeye Kurinda Umutekano w'Amakuru.</p> <p><b><u>UMUTWE WA V: INSHINGANO Z'UMUGENZUZI W'AMAKURU CYANGWA UTUNGANYA AMAKURU</u></b></p> <p><b><u>Ingingo va 34: Inshingano z'umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru</u></b></p>	<p>Register, is established. The register is kept and maintained by the supervisory authority in such a form and manner it determines.</p> <p>The supervisory authority may, at the request of a data controller or data processor who has an outdated entry in the Data Protection Register, erase the entry from the register.</p> <p>The supervisory authority determines the modalities under which persons with justified reasons may access the Data Protection Register for consultation.</p> <p>The supervisory authority may, upon request, issue to a person a certified copy or an extract of any entry in the Data Protection Register.</p> <p><b><u>CHAPTER V: OBLIGATIONS OF A DATA CONTROLLER AND DATA PROCESSOR</u></b></p> <p><b><u>Article 34: Obligations of a data controller or</u></b></p>	<p>Données. Ce registre est tenu et conservé par l'autorité de supervision selon la forme et la manière qu'elle détermine.</p> <p>L'autorité de supervision, à la demande d'un contrôleur des données ou d'un responsable du traitement des données qui a un écrit obsolète dans le Registre de Protection des Données, peut l'effacer dans ce registre.</p> <p>L'autorité de supervision détermine les modalités selon lesquelles des personnes ayant des motifs justifiés peuvent accéder au Registre de Protection des Données pour la consultation.</p> <p>L'autorité de supervision peut délivrer, sur demande, à une personne une copie certifiée ou un extrait d'un écrit dans le Registre de la Protection de Données.</p> <p><b><u>CHAPTER V: OBLIGATIONS D'UN CONTRÔLEUR DES DONNÉES OU D'UN RESPONSABLE DE TRAITEMENT DES DONNÉES</u></b></p> <p><b><u>Article 34: Obligations du contrôleur des données ou du responsable du traitement des</u></b></p>
---	--	---



<p>Umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru agenzura niba amakuru bwite:</p> <p>1° atunganywa mu buryo bwemewe n'amategeko, buboneye kandi mu mucyo ku byerekeye ba nyir'ubwite;</p> <p>2° akusanywa ku mpamvu zeruye, zisobanuwe kandi zifite ishingiro, kandi ko adatunganywa mu buryo bunyuranye n'izo mpamvu;</p> <p>3° ari ngombwa kandi agarukira gusa ku bikenewe ugereranyije n'impamvu zatumye atunganywa;</p> <p>4° ari ukuri kandi, iyo bikenewe, ahuzwa n'igihe, hamwe n'ingamba zose ziboneye zituma amakuru bwite atari ukuri ahanagurwa cyangwa agakosorwa bidatinze;</p> <p>5° abikwa mu buryo butuma umwirondoro wa ba nyir'ubwite umenyekana mu gihe kitarenze igihe gikenewe ku mpamvu zatumye amakuru bwite atunganywa;</p>	<p><b>data processor</b></p> <p>A data controller or a data processor ensures that personal data:</p> <p>1° are processed lawfully, fairly and in a transparent manner in relation to data subjects;</p> <p>2° are collected for explicit, specified and legitimate purposes and not further processed in a manner incompatible with those purposes;</p> <p>3° are relevant and limited to what is necessary in relation to the purposes for which they are processed;</p> <p>4° are accurate and, where necessary, kept up to date, with every reasonable step being taken to ensure that any inaccurate personal data are erased or rectified without delay;</p> <p>5° are kept in a form which permits identification of data subjects for a period not exceeding the period necessary for the purposes for which the personal data are processed;</p>	<p><b>données</b></p> <p>Un contrôleur des données ou un responsable du traitement des données veille à ce que les données personnelles:</p> <p>1° soient traitées légalement, équitablement et de manière transparente en rapport avec les personnes fichées;</p> <p>2° soient collectées à des fins explicites, spécifiées et légitimes et ne soient pas traitées d'une manière incompatible avec ces objectifs;</p> <p>3° soient pertinentes et limitées à ce qui est nécessaire en rapport avec les objectifs pour lesquels elles sont traitées;</p> <p>4° soient exactes et, si nécessaire, mises à jour, avec des mesures raisonnables prises pour assurer que toutes les données personnelles inexactes soient effacées ou rectifiées sans retard;</p> <p>5° soient conservées sous une forme permettant l'identification des personnes fichées pendant une période n'excédant pas la période nécessaire aux objectifs pour lesquels les données personnelles sont traitées;</p>
---	---	---

<p>6° atunganywa hubahirizwa uburenganzira bwa ba nyir'ubwite.</p> <p><b><u>Ingingo ya 35: Ibikorwa bya buri muni by'umugenzuzi w'amakuru</u></b></p> <p>Umugenzuzi w'amakuru akora ibikorwa bya buri muni bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° gushyira mu bikorwa ingamba ziboneye zo mu rwego rwa tekini n'urw'imitunganyirize nk'uko biteganywa n'ingingo ya 40 y'iri tegeko;</li> <li>2° kubika inyandiko z'ibikorwa by'itunganywa ry'amakuru zose nk'uko biteganywa n'ingingo ya 17 y'iri tegeko;</li> <li>3° gukora isuzuma ry'ingaruka zo kurinda amakuru mu gihe uburyo bwo gutunganya amakuru bushobora gutera ingorane zikomeye ku burenganzira n'ubwisanzure bw'abantu ku giti cy'abo;</li> <li>4° gushyiraho umukozi ushinze kurinda umutekano w'amakuru bwite, agahuza ikigo n'izindi nzego n'urwego rugenzura kandi agakurikirana ibibazo bijyanye n'iyubahirizwa ryo kurinda umutekano w'amakuru bwite iyo:</li> </ol>	<p>6° are processed in accordance with the rights of data subjects.</p> <p><b><u>Article 35: Daily activities of a data controller</u></b></p> <p>A data controller carries out the following daily activities:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° to implement appropriate technical and organisational measures as required by Article 40 of this Law;</li> <li>2° to keep a record of all data processing operations as required by Article 17 of this Law;</li> <li>3° to carry out data protection impact assessments where the processing of personal data is likely to result in a high risk to the rights and freedoms of natural persons;</li> <li>4° to designate a personal data protection officer who liaises the institution with other entities and the supervisory authority and who is responsible for personal data protection compliance</li> </ol>	<p>6° soient traitées conformément aux droits des personnes fichées.</p> <p><b><u>Article 35: Activités quotidiennes du contrôleur des données</u></b></p> <p>Un contrôleur des données effectue des activités quotidiennes suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° mettre en œuvre les mesures techniques et organisationnelles appropriées tel que requis par l'article 40 de la présente loi;</li> <li>2° tenir un registre de toutes les opérations de traitement des données tel que requis par l'article 17 de la présente loi;</li> <li>3° mener des évaluations d'impact de protection des données lorsque le traitement des données personnelles est susceptible d'entraîner un risque élevé pour les droits et les libertés des personnes physiques;</li> <li>4° désigner un agent chargé de la protection des données personnelles qui assure la liaison entre l'institution avec les autres entités et l'autorité de supervision et qui est responsable des problèmes de conformité de la</li> </ol>
---	---	---

<p>a. gutunganya amakuru bikozwe n'ubuyobozi cyangwa urwego rwa Leta keretse inkiko;</p> <p>b. ibikorwa by'ingenzi by'umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru bigizwe n'ibikorwa byo gutunganya amakuru, kubera imiterere yabyo, aho bigarukira cyangwa icyo bigamije, bisaba kugenzura ba nyir'ubwite ku buryo buhoraho kandi neza ku rwego rwagutse; cyangwa</p> <p>c. ibikorwa by'ingenzi by'umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru bigizwe no gutunganya amakuru bwite y'ibanga ku rwego rwagutse.</p> <p>Umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru amenyeshya urwego rugenzura izina ry'umukozi washyizweho uvugwa mu gace ka 4° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo kimwe n'izindi mpinduka zose zabaho nyuma.</p> <p>Isuzuma ry'ingaruka zo kurinda umutekano</p>	<p>issues where:</p> <p>a. the processing is carried out by a public authority or body, except for courts;</p> <p>b. the core activities of the data controller or the data processor consist of data processing operations which, by virtue of their nature, scope or their purposes, require regular and systematic monitoring of data subjects on a large scale; or</p> <p>c. the core activities of the data controller or the data processor consist of processing on a large scale of sensitive personal data.</p> <p>A data controller or a data processor notifies the supervisory authority of the name of the designated officer referred to in Item 4° of Paragraph One of this Article and any subsequent changes thereto.</p>	<p>protection des données personnelles lorsque:</p> <p>a. le traitement est effectué par une autorité ou un organisme public, à l'exception des juridictions;</p> <p>b. les activités principales du contrôleur des données ou du responsable du traitement des données consistent en des opérations de traitement des données qui, en raison de leur nature, de leur portée ou de leurs objectifs, requièrent un suivi régulier et systématique des personnes fichées à grande échelle; ou</p> <p>c. les activités principales du contrôleur des données ou du responsable du traitement des données consistent à traiter à grande échelle des données personnelles sensibles.</p> <p>Un contrôleur des données ou un responsable du traitement des données notifie le nom de l'agent désigné visé au point 4° de l'alinéa premier du présent article et tout changement ultérieur y afférent à l'autorité de supervision.</p> <p>Une évaluation d'impact de protection des</p>
--	--	--

<p>w'amakuru rivugwa mu gace ka 3° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo rikorwa mu gihe hakorwa:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° isuzuma rikozwe neza kandi ryimbitse ku birebana n'ibiranga abantu birebana n'abantu ku giti cyabo rishingiye ku itunganywa ry'amakuru ryikoresha, harimo no gukora ishusho y'amakuru kandi rigashingirwaho mu gufata ibyemezo bigira ingaruka kuri abo bantu;</li> <li>2° itunganywa ry'amakuru bwite y'ibanga ku rwego rwagutse;</li> <li>3° igenzura ry'ahantu nyabagendwa rikozwe neza ku buryo bwagutse;</li> <li>4° itunganywa ryagaragajwe n'urwego rw'ubugenzuzi nk'irishobora gutera ingorane zikomeye mu rwego rw'uburenganzira n'ubwisanzure bw'abantu ku giti cyabo; cyangwa</li> <li>5° ikoranabuhanga rishya rikoreshwa mu gutunganya amakuru bwite.</li> </ol> <p><b><u>Ingingo ya 36: Amakuru atangwa mu gihe cyo gukusanya amakuru bwite</u></b></p> <p>Umugenzuzi w'amakuru agomba gukusanya</p>	<p>A data protection impact assessment referred to in Item 3° of Paragraph One of this Article is carried out in case of:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° a systematic and extensive evaluation of personal aspects relating to natural persons which is based on automated processing, including profiling, and on which taking decisions that produce consequences to the natural persons is based;</li> <li>2° processing on a large scale of sensitive personal data;</li> <li>3° a systematic monitoring of a publicly accessible area on a large scale;</li> <li>4° processing identified by the supervisory authority as likely to result in a high risk to the rights and freedoms of natural persons; or</li> <li>5° a new technology is used to process personal data.</li> </ol> <p><b><u>Article 36: Information to be provided during personal data collection</u></b></p>	<p>données mentionnée au point 3° de l'alinéa premier du présent article est requise en cas:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° d'une évaluation systématique et approfondie des aspects personnels relatifs aux personnes physiques qui repose sur un traitement automatisé, y compris le profilage, et sur laquelle se base la prise de décisions qui produisent des conséquences pour les personnes physiques;</li> <li>2° de traitement à grande échelle de données personnelles sensibles;</li> <li>3° d'une surveillance systématique d'une zone accessible au public à grande échelle;</li> <li>4° de traitement identifié par l'autorité de supervision comme susceptible d'entraîner un risque élevé pour les droits et les libertés des personnes physiques; ou</li> <li>5° d'une nouvelle technologie utilisée pour traiter les données personnelles.</li> </ol> <p><b><u>Article 36: Informations à fournir lors de la collecte des données personnelles</u></b></p>
--	---	---

<p>amakuru bwite iyo hari ikigamijwe cyemewe n'amategeko gifitanye isano n'igikorwa cy'umugenzuzi w'amakuru kandi iyo ayo makuru akenewe kugira ngo ikigamijwe kigerweho.</p> <p>Haseguriwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, umugenzuzi w'amakuru ukusanya amakuru bwite mu buryo butaziguye cyangwa buziguye ayakuye kuri nyir'ubwite agomba kumenyeshya nyir'ubwite ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° umwirondoro w'umugenzuzi w'amakuru n'aho abarizwa;</li> <li>2° ikigamijwe mu ikusanywa ry'amakuru;</li> <li>3° abo ayo makuru agenewe;</li> <li>4° niba nyir'ubwite atanga amakuru ku bushake bwe cyangwa ayatanga abitegetswe;</li> <li>5° ko nyir'ubwite afite uburenganzira bwo kwisubiraho igihe icyo ari cyo cyose kandi bikaba bidakuraho ko itunganywa ry'amakuru bwite riba rikurikije amategeko hashingiwe ku kuba yari yarabanje kubyemera mbere yo kwisubiraho;</li> </ol>	<p>A data controller must collect personal data for a lawful purpose connected to the activity of the data controller and when the data is necessary for that purpose.</p> <p>Subject to provisions of Paragraph One of this Article, a data controller who directly or indirectly collects personal data from a data subject must inform the data subject of the following:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° identity and contact details of the data controller;</li> <li>2° the purpose for which the data are collected;</li> <li>3° intended recipients of the data;</li> <li>4° whether or not the supply of the data by that data subject is voluntary or mandatory;</li> <li>5° the existence of the right to withdraw consent at any time and that such withdrawal does not affect the lawfulness of the processing of personal data based on consent before its withdrawal;</li> </ol>	<p>Un contrôleur des données doit collecter des données personnelles pour un objectif légal lié à l'activité du contrôleur des données et lorsque les données sont nécessaires pour cet objectif.</p> <p>Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, le contrôleur de données qui collecte directement ou indirectement des données personnelles auprès d'une personne fichée doit informer cette dernière de ce qui suit:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° l'identité et les coordonnées du contrôleur des données;</li> <li>2° l'objectif pour lequel les données sont collectées;</li> <li>3° les destinataires de ces données;</li> <li>4° si la fourniture des données par cette personne fichée est volontaire ou obligatoire;</li> <li>5° l'existence du droit de retirer le consentement à tout moment et que ce retrait n'affecte pas la légalité du traitement des données personnelles basé sur le consentement avant son retrait;</li> </ol>
--	---	---

<p>6° ko hari uburenganzira bwo gusaba umugenzuzi w'amakuru kubona amakuru no kuyakosora, kubuza gutunganya cyangwa guhanagura amakuru bwite yerekeye nyir'ubwite cyangwa gutambamira itunganywa ryayo;</p> <p>7° ko hari uburyo bwo gufata icyemezo bwikoresha, harimo gukora ishusho y'amakuru n'amakuru yerekeye inyurabwenge yifashishijwe ndetse n'akamaro n'ingaruka ziteganyijwe zizakurira itunganywa ry'amakuru bwite zizaba kuri nyir'ubwite;</p> <p>8° igihe amakuru bwite azamara abitswe;</p> <p>9° uburenganzira bwo gushyikiriza ikirego urwego rugenzura;</p> <p>10° igihe bibaye ngombwa, ko umugenzuzi w'amakuru yifuza kohereza amakuru bwite mu kindi gihugu n'amakuru ku kigero cyo kurinda umutekano w'amakuru bwite bikwiye kiboneka muri icyo gihugu;</p> <p>11° andi makuru akenewe mu kugenzura ko gutunganya amakuru bwite bikorwa mu buryo butabogamye, hitawe ku bihe byihariye amakuru yakusanyijwemo.</p>	<p>6° the existence of the right to request from the data controller access and rectification, restriction or erasure of personal data concerning the data subject or to object to the processing of the data;</p> <p>7° the existence of automated decision making, including profiling, and information about the logic involved, as well as the significance and the envisaged consequences of such processing personal data for the data subject;</p> <p>8° the period for which personal data will be stored;</p> <p>9° the right to lodge a complaint with the supervisory authority;</p> <p>10° where applicable, that the data controller intends to transfer personal data to another country and information on the level of suitable protection afforded by the country;</p> <p>11° any further information necessary to guarantee fair processing of the</p>	<p>6° l'existence du droit de demander au contrôleur des données l'accès et la rectification, la restriction ou l'effacement des données personnelles qui concernent la personne fichée ou de s'opposer au traitement des données;</p> <p>7° l'existence d'une prise de décision automatisée, y compris le profilage et des informations sur la logique impliquée ainsi que l'importance et les conséquences envisagées d'un tel traitement des données personnelles à la personne fichée;</p> <p>8° la durée pour laquelle des données personnelles seront conservées;</p> <p>9° le droit de déposer une plainte auprès de l'autorité de supervision;</p> <p>10° le cas échéant, si le contrôleur de données désire transférer les données personnelles dans un autre pays et des informations concernant le niveau de protection approprié accordé par ce pays;</p> <p>11° toute autre information nécessaire pour garantir un traitement équitable des</p>
--	--	---

<p>Icyakora, umugenzuzi w’amakuru nategetswe kubahiriza ibikubiye mu gika cya 2 cy’iyi ngingo iyo:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° nyir’ubwite asanzwe afite amakuru avugwa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo;</li> <li>2° gutanga ayo makuru bigaragaye ko bidashoboka cyangwa byasaba ingufu z’umurengera;</li> <li>3° gufata cyangwa gutangaza amakuru biteganywa n’itegeko.</li> </ol> <p><b><u>Ingingo va 37: Imenyekanisha na raporo ku ivogerwa ry’amakuru bwite</u></b></p> <p>Iyo amakuru bwite avogerewe, umugenzuzi w’amakuru, mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n’ane (24) nyuma yo kubimenya, agomba kubimenyeshya urwego rugenzura mu buryo buteganywa n’urwego rugenzura.</p> <p>Iyo umugenzuzi w’amakuru atamenyekanishije ivogerwa ry’amakuru bwite mu gihe kivugwa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo, amenyeshya urwego rugenzura impamvu zatumye atabikora.</p>	<p>personal data, having regard to the specific circumstances in which the data are collected.</p> <p>However, a data controller is not required to comply with the provisions of Paragraph 2 of this Article if:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° the data subject already has the information referred to in Paragraph One of this Article;</li> <li>2° the provision of such information proves impossible or involves a disproportionate effort;</li> <li>3° the recording or disclosure of the data is laid down by law.</li> </ol> <p><b><u>Article 37: Notification and report on personal data breach</u></b></p> <p>In case of personal data breach, the data controller, within twenty-four (24) hours after being aware of the incident, must communicate the personal data breach to the supervisory authority in a manner prescribed by the supervisory authority.</p> <p>In case the data controller fails to communicate the personal data breach within the period specified in Paragraph One of this Article, he</p>	<p>données personnelles, compte tenu des circonstances spécifiques dans lesquelles les données sont collectées.</p> <p>Toutefois, un contrôleur des données n’est pas tenu de se conformer aux dispositions de l’alinéa 2 du présent article si:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° la personne fichée dispose déjà des informations visées à l’alinéa premier du présent article;</li> <li>2° la fourniture de ces informations s’avère impossible ou implique un effort disproportionné;</li> <li>3° l’enregistrement ou la divulgation des données est prévu par la loi.</li> </ol> <p><b><u>Article 37: Notification et rapport sur la violation des données personnelles</u></b></p> <p>En cas de violation des données personnelles, le contrôleur des données, endéans vingt-quatre (24) heures après avoir pris connaissance de l’incident, doit communiquer à l’autorité de supervision la violation des données personnelles d’une manière prescrite par l’autorité de supervision.</p> <p>Si le contrôleur des données omet de notifier la violation des données personnelles dans le délai prévu à l’alinéa premier du présent</p>
--	--	---

<p>3° gukomeza kubika amakuru bisabwa mu masezerano yakozwe hagati y'impande zayagiranye;</p> <p>4° nyir'ubwite yiyemereye ko amakuru bwite akomeza kubikwa.</p> <p>Nyuma y'igihe giteganywa cyo gukomeza kubika amakuru bwite, umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru agomba gusenya amakuru bwite ku buryo bitashoboka kongera kuyatereranya ku buryo yabasha kumvikana.</p> <p><b><u>Ingingo ya 48: Igihe amakuru bwite amara abitswe</u></b></p> <p>Umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru abika amakuru bwite mu gihe kingana n'imyaka icumi (10) cyeretse iyo hari itegeko ryihariye ribiteganywa ukundi.</p> <p>Ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibikurikizwa iyo amakuru bwite yabitswe ku mpamvu zikurikira:</p> <p>1° gukumira, gutahura, guperereza, gukurikirana cyangwa guhana uwakoze icyaha;</p> <p>2° kurinda umutekano w'Igihugu;</p>	<p>3° the retention of the data is required by a contract between the parties to the contract;</p> <p>4° the data subject consents to the retention of personal data.</p> <p>At the end of the personal data retention period, the data controller or data processor must destroy the personal data in a manner that prevents its reconstruction in an intelligible form.</p> <p><b><u>Article 48: Period for retention of personal data</u></b></p> <p>A data controller or data processor retains personal data for a period of ten (10) years unless there is any other specific law that provides otherwise.</p> <p>Provisions of Paragraph One of this Article do not apply to personal data retained for the following reasons:</p> <p>1° preventing, detecting, investigating, prosecuting or punishing an offender;</p>	<p>3° la rétention des données est requise par un contrat entre les parties au contrat;</p> <p>4° la personne fichée consent à la rétention des données personnelles.</p> <p>À la fin de la période de rétention des données personnelles, le contrôleur des données ou le responsable du traitement des données doit détruire les données personnelles de manière à empêcher leur reconstruction sous une forme intelligible.</p> <p><b><u>Article 48: Période de rétention des données personnelles</u></b></p> <p>Un contrôleur des données ou un responsable du traitement des données retient les données personnelles pendant une période de dix (10) ans à moins qu'une loi spécifique n'en dispose autrement.</p> <p>Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas aux données personnelles retenues pour des raisons suivantes:</p> <p>1° prévenir, détecter, enquêter, poursuivre ou sanctionner l'auteur d'une infraction;</p>
---	---	---

<p>3° gushyira mu bikorwa itegeko rishyiraho igihano cy'amafaranga;</p> <p>4° kubahiriza amategeko arebana no gukusanya imisoro n'amahoro bya Leta;</p> <p>5° gukurikirana ikirego mu rukiko;</p> <p>6° gukora ubushakashatsi burebana n'amateka cyangwa ibarurishamibare;</p> <p>7° nyir'ubwite yabyiyemereye.</p> <p>Urwego rugenzura rushyiraho amabwiriza yerekeranye n'igihe amakuru bwite y'ibyiciro runaka amara abitswe.</p> <p><b><u>Ingingo va 49: Urwego rushinzwe gukemura amakimbirane</u></b></p> <p>Urwego rugenzura ni rwo rwego rushinzwe gukemura amakimbire yavuka afitanye isano n'iri tegeko.</p> <p>Umuntu wumva ko hari ingingo z'iri tegeko zitubahirijwe ashobora gushyikiriza ikirego, mu nyandiko, urwego rugenzura kugira ngo rubifateho icyemezo gikwiye.</p>	<p>2° protecting national security;</p> <p>3° enforcing a law which imposes a pecuniary penalty;</p> <p>4° enforcing legislation relating to public revenues collection;</p> <p>5° conducting proceedings before a court;</p> <p>6° carrying out historical or statistical research;</p> <p>7° consent of the data subject.</p> <p>The supervisory authority issues regulations relating to the period of retention of certain categories of personal data.</p> <p><b><u>Article 49: Organ in charge of settlement of disputes</u></b></p> <p>The supervisory authority is the organ in charge of settlement of disputes that may arise in relation to this Law.</p> <p>A person who believes that there is a breach of any provisions of this Law may lodge a complaint in writing to the supervisory authority in order for the latter to take</p>	<p>2° protéger la sécurité nationale;</p> <p>3° appliquer une loi qui impose une sanction pécuniaire;</p> <p>4° appliquer les lois relatives à la collecte des recettes publiques;</p> <p>5° mener une action devant une juridiction;</p> <p>6° mener une recherche historique ou statistique;</p> <p>7° le consentement de la personne fichée.</p> <p>L'autorité de supervision édicte des règlements relatifs à la période de rétention de certaines catégories des données personnelles.</p> <p><b><u>Article 49: Organe chargé du règlement des différends</u></b></p> <p>L'autorité de supervision est l'organe chargé du règlement des différends qui peuvent surgir en rapport avec la présente loi.</p> <p>Une personne qui estime qu'il y a une violation d'une disposition de la présente loi peut déposer une plainte par écrit auprès de l'autorité de supervision afin que cette dernière prenne la décision appropriée.</p>
--	--	---

<p>Umuntu utishimiye icyemezo cy'urwego rugenzura ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha.</p> <p><b><u>Ingingo va 50: Indishyi</u></b></p> <p>Umuntu wangirijwe n'ibikorwa by'umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru utubahirije iri tegeko afite uburenganzira bwo gutanga ikirego kigamije gusaba indishyi mu rukiko rubifitiye ububasha.</p> <p>Icyakora, uburenganzira bwo gusaba indishyi ntibwubahirizwa iyo igihombo cyatewe n'impamvu zirenze ubushobozi bw'umugenzuzi w'amakuru cyangwa ubw'utunganya amakuru.</p> <p><b><u>UMUTWE WA VII: AMAKOSA, IBYAHA N'IBIHANO</u></b></p> <p><b><u>Icyiciro cya mbere: Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi</u></b></p> <p><b><u>Ingingo va 51: Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi</u></b></p> <p>Urwego rugenzura rushyiraho amabwiriza agena amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi birebana n'umutekano w'amakuru n'imibereho bwite y'umuntu.</p>	<p>appropriate decision.</p> <p>A person who is not satisfied by the decision of the supervisory authority may file a case before a competent court.</p> <p><b><u>Article 50: Compensation</u></b></p> <p>A person who suffers damage due to acts of a data controller or a data processor in violation of this Law may file a claim for compensation before a competent court.</p> <p>However, the right to claim compensation is not enforceable when the loss is caused by reasons beyond the control of the data controller or a data processor.</p> <p><b><u>CHAPTER VII: FAULTS AND SANCTIONS, OFFENCES AND PENALTIES</u></b></p> <p><b><u>Section One: Faults and administrative sanctions</u></b></p> <p><b><u>Article 51: Faults and administrative sanctions</u></b></p> <p>The supervisory authority issues regulations determining faults and administrative</p>	<p>Une personne qui n'est pas satisfait par une décision de l'autorité de supervision peut saisir une juridiction compétente.</p> <p><b><u>Article 50: Compensation</u></b></p> <p>Une personne qui subit un dommage en raison des actes du contrôleur des données ou du responsable du traitement des données en violation de la présente loi peut introduire une demande en compensation devant la juridiction compétente.</p> <p>Toutefois, le droit de demander la compensation ne s'applique pas lorsque le dommage résulte des raisons qui sont hors de contrôle du contrôleur des données ou du responsable du traitement des données.</p> <p><b><u>CHAPITRE VII: FAUTES ET SANCTIONS, INFRACTIONS ET PEINES</u></b></p> <p><b><u>Section première: Fautes et sanctions administratives</u></b></p> <p><b><u>Article 51: Fautes et sanctions administratives</u></b></p> <p>L'autorité de supervision édicte des règlements déterminant les fautes et les sanctions administratives relatives à la</p>
---	--	---

<p><b><u>Icyiciro cya 2: Ibyaha n’ibihano</u></b></p> <p><b><u>Ingingo va 52: Kubona, gukoresha cyangwa gutanga amakuru bwite bitemewe n’amategeko</u></b></p> <p>Umuntu ubona, utunganya, utangariza undi muntu amakuru afitwe cyangwa yatunganyijwe n’umugenzuzi w’amakuru cyangwa utunganya amakuru mu buryo bunyuranyije n’iri tegeko, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y’amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n’ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda atari muni ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.</p> <p><b><u>Ingingo va 53: Gusubiza ku makuru bwite ibiyaranga byakuweho no kuyatunganya</u></b></p> <p>Umuntu ubizi, ubigambiriye cyangwa kubera uburangare:</p> <p>1° usubiza ku makuru bwite ibiyaranga byari byavanyweho n’umugenzuzi</p>	<p>sanctions related to data protection and privacy.</p> <p><b><u>Section 2: Offences and penalties</u></b></p> <p><b><u>Article 52: Unlawful obtaining, processing or disclosing of personal data</u></b></p> <p>A person who, contrary to this Law, obtains, processes, discloses personal data held or processed by a data controller or data processor to another person, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to an imprisonment of not less than six (6) months but not more than two (2) years and a fine of not less than five million Rwandan Francs (FRW 5,000,000) but not more than ten million Rwandan Francs (FRW 10,000,000) or one of these penalties.</p> <p><b><u>Article 53: Re-identification and processing of de-identified personal data</u></b></p> <p>Any person who knowingly, intentionally or recklessly:</p>	<p>protection de données et à la vie privée.</p> <p><b><u>Section 2: Infractions et peines</u></b></p> <p><b><u>Article 52: Obtention, traitement ou divulgation illégale des données personnelles</u></b></p> <p>Une personne qui, contrairement à la présente loi, obtient, traite, divulgue à une autre personne des données détenues ou traitées par un contrôleur de données ou un responsable du traitement des données, commet une infraction. Lorsqu’elle en est reconnue coupable, elle est passible d’un emprisonnement d’au moins six (6) mois mais n’excédant pas deux (2) ans et d’une amende d’au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n’excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW) ou de l’une de ces peines.</p> <p><b><u>Article 53: Ré-identification et traitement des données personnelles anonymisées</u></b></p> <p>Une personne qui, sciemment, intentionnellement ou par imprudence:</p> <p>1° ré-identifie les données personnelles</p>
---	---	--

<p>w'amakuru cyangwa utunganya amakuru, bitewe n'uwabikoze;</p> <p>2° usubiza ku makuru bwite ibiyaranga kandi akayutunganya;</p> <p>atabyemerewe n'umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.</p> <p><b><u>Ingingo ya 54: Gusenya, gusiba, guhisha cyangwa guhindura amakuru bwite binyuranyije n'amategeko</u></b></p> <p>Umuntu usenya, usiba, uhisha cyangwa uhindura amakuru bwite mu buryo binyuranyije n'amategeko, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.</p>	<p>1° re-identifies personal data which have been de-identified by a data controller or a data processor as the case may be;</p> <p>2° re-identifies and processes personal data;</p> <p>without consent of the data controller or data processor commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to an imprisonment of not less than two (2) years but not exceeding five (5) years and a fine of not less than five million Rwandan Francs (FRW 5,000,000) but not more than ten million Rwandan Francs (FRW 10,000,000) or one of these penalties.</p> <p><b><u>Article 54: Unlawful destruction, deletion, concealment or alteration of personal data</u></b></p> <p>A person who unlawfully destroys, deletes, conceals or alters personal data, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to an imprisonment of not less than six (6) months but not more than two (2) years and a fine of not less than five million Rwandan Francs (FRW 5,000,000) but not more than ten million Rwandan Francs (FRW 10,000,000) or one of these penalties.</p>	<p>qui ont été anonymisées par un contrôleur des données ou un responsable du traitement des données, selon le cas;</p> <p>2° ré-identifie et traite des données personnelles;</p> <p>sans le consentement du contrôleur des données ou du responsable du traitement des données, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines.</p> <p><b><u>Article 54: Destruction, suppression, dissimulation ou altération illégale des données personnelles</u></b></p> <p>Une personne qui, illégalement, détruit, supprime, dissimule ou altère des données personnelles, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines.</p>
---	---	--

<p><b><u>Ingingo va 55: Kugurisha cyangwa gutanga amakuru bwite binyuranyije n'amategeko</u></b></p> <p>Umuntu ugurisha cyangwa utanga amakuru bwite binyuranyije n'amategeko aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.</p> <p><b><u>Ingingo va 56: Gukusanya cyangwa gutunganya amakuru bwite y'ibanga binyuranyije n'amategeko</u></b></p> <p>Umuntu ukusanya cyangwa utunganya amakuru bwite y'ibanga binyuranyije n'amategeko aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.</p> <p><b><u>Ingingo va 57: Gutanga amakuru atari ukuri</u></b></p> <p>Umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya</p>	<p><b><u>Article 55: Unlawful sale or offer of personal data</u></b></p> <p>A person who unlawfully sells or offers personal data commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to an imprisonment of not less than two (2) years but not more than five (5) years and a fine of not less than five million Rwandan Francs (FRW 5,000,000) but not more than ten million Rwandan Francs (FRW 10,000,000) or one of these penalties.</p> <p><b><u>Article 56: Unlawful collecting or processing of sensitive personal data</u></b></p> <p>A person who, unlawfully, collects or processes sensitive personal data commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to an imprisonment of not less than two (2) years but not more than five (5) years and a fine of not less than five million Rwandan Francs (FRW 5,000,000) but not more than ten million Rwandan Francs (FRW 10,000,000) or one of these penalties.</p> <p><b><u>Article 57: Providing false information</u></b></p>	<p><b><u>Article 55: Vente ou offre illégale des données</u></b></p> <p>Une personne qui vend ou offre illégalement des données commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines.</p> <p><b><u>Article 56: Collecte ou traitement illégale des données personnelles sensibles</u></b></p> <p>Une personne qui, illégalement, collecte ou traite des données personnelles sensibles commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines.</p> <p><b><u>Article 57: Fourniture de fausses informations</u></b></p>
--	---	--

<p>amakuru utanga amakuru atari ukuri mu gihe na nyuma yo kwiyandikisha, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y’umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n’ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda atari muni y’ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.</p> <p><b><u>Ingingo va 58: Ibyaha bikoze n’ikigo gifite ubuzimagatozi</u></b></p> <p>Ikigo gifite ubuzimagatozi kibizi kandi kibigambiriye, gituma hakorwa cyaha giteganywa muri iri tegeko kiba gikoze icyaha. Iyo kibihamijwe n’urukiko, gihanishwaihazabu y’amafaranga y’u Rwanda angana na gatanu ku ijana (5%) by’amafaranga y’ibyo cyacurujwe mu mwaka.</p> <p><b><u>Ingingo va 59: Ibihano by’inyongera</u></b></p> <p>Uretse ibihano biteganyijwe muri iri tegeko, urukiko, mu bihe byose, rushobora gutegeka kunyagwa ibikoresho byakoreshejwe mu gukora kimwe mu byaha biteganywa n’iri tegeko ndetse n’ibyo uwahamwe n’icyaha yungutse.</p>	<p>A data controller or a data processor who provides false information during and after registration commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to an imprisonment of not less than one (1) year but not more than three (3) years and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan Francs (FRW 500,000) but not more than one million Rwandan Francs (FRW 1,000,000) or one of these penalties.</p> <p><b><u>Article 58: Offences committed by a legal entity</u></b></p> <p>A legal entity which, knowingly and intentionally, facilitates in the commission of an offence under this Law commits an offence. Upon conviction, the legal entity is liable to a fine of five percent (5%) of its annual turnover.</p> <p><b><u>Article 59: Additional penalties</u></b></p> <p>In addition to penalties provided for in this Law, the court, in all cases, may order the confiscation of items used in the commission of any of the offences provided for in this Law</p>	<p>Un contrôleur des données ou un responsable du traitement des données qui fournit de fausses informations pendant et après l’enregistrement, commet une infraction. Lorsqu’elle en est reconnue coupable, elle est passible d’un emprisonnement d’au moins un (1) an mais n’excédant pas trois (3) ans et d’une amende d’au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n’excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou de l’une de ces peines.</p> <p><b><u>Article 58: Infractions commises par une entité juridique</u></b></p> <p>Une entité juridique qui, sciemment et intentionnellement, facilite la commission d’une infraction en vertu de la présente loi commet une infraction. Lorsqu’elle en est reconnue coupable, elle est passible d’une amende de cinq pourcent (5%) de son chiffre d’affaires annuel.</p> <p><b><u>Article 59: Sanctions supplémentaires</u></b></p> <p>En plus des peines prévues par la présente loi, le tribunal, dans tous les cas, peut ordonner la confiscation des objets utilisés pour la commission de l’une des infractions prévues par la présente loi et des produits gagnés.</p>
--	--	--

<p>Urukiko rushobora kandi gutegeka gufunga burundu cyangwa by'agateganyo ikigo gifite ubuzima gatozi cyangwa ahakorerwa imirimo hakorewe kimwe mu byaha biteganyijwe muri iri tegeko.</p> <p><b><u>UMUTWE WA VIII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 60:</u></b> Ububasha bwo gushyiraho amabwiriza</p> <p>Urwego rubifitiye ububasha rufite ububasha bwo gushyiraho amabwiriza agenga inzego ruhagarriye yerekeranye no kurinda umutekano w'amakuru bwite n'imibereho bwite y'umuntu mu bufatanye n'urwego rugenzura, iyo ayo mabwiriza atavuguruza ibiteganywa n'iri tegeko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 61:</u></b> Igihe cy'inzibacyuho cyo kubahiriza iri tegeko</p> <p>Umugenzuzi w'amakuru cyangwa utunganya amakuru usanzwe ukora, ahawe igihe kingana n'umwaka umwe (1) uhereye igihe iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo ahuze imikorere ye n'ibiteganywa n'iri tegeko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 62:</u></b> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa</p>	<p>and the proceeds gained.</p> <p>The court may also order permanent or temporal closure of the legal entity or the premise in which any of the offences provided for in this Law was committed.</p> <p><b><u>CHAPTER VIII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 60: Power to issue regulations</u></b></p> <p>A competent authority has powers to issue sectoral regulations relating to the protection of personal data and privacy in collaboration with the supervisory authority, provided that such regulations are not in contradiction with this Law.</p> <p><b><u>Article 61: Transitional period to comply with this Law</u></b></p> <p>A data controller or data processor who is already in operation has a period of one (1) year from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda to conform their practice to the provisions of this Law.</p>	<p>La juridiction peut également ordonner la fermeture permanente ou temporelle de l'entité juridique ou du local dans lequel une infraction prévue par la présente loi a été commise.</p> <p><b><u>CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</u></b></p> <p><b><u>Article 60: Pouvoir d'édicter des règlements</u></b></p> <p>Une autorité compétente édicte des règlements sectoriels relatifs à la protection des données personnelles et à la vie privée en collaboration avec l'autorité de supervision, à condition que ces règlements ne soient pas en contradiction avec la présente loi.</p> <p><b><u>Article 61: Période transitoire de se conformer à la présente loi</u></b></p> <p>Le contrôleur des données ou le responsable du traitement des données qui est déjà en activité, dispose d'un délai d'un (1) an à partir de la date de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda, pour conformer son fonctionnement aux dispositions de la présente loi.</p>
---	---	--



<p><b>by'iri tegeko</b></p> <p>Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Ingingo va 63: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko</u></b></p> <p>Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo zivanyweho.</p> <p><b><u>Ingingo va 64: Igihe iri tegeko ritangirira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 62: Drafting, consideration and adoption of this Law</u></b></p> <p>This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 63: Repealing provision</u></b></p> <p>All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.</p> <p><b><u>Article 64: Commencement</u></b></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 62: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u></b></p> <p>La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 63: Disposition abrogatoire</u></b></p> <p>Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.</p> <p><b><u>Article 64: Entrée en vigueur</u></b></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	---	--

Kigali, .....

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:  
Seen and sealed with the Seal of the Republic:  
Vu et scellé du Sceau de la République:**

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux